# Umuyobozi

Jeffersonville, Indiana, USA
14 Ukwakira 1962

1 Imana Iguhe umugisha, Mwene Data Neville. Muby'ukuri nejejwe no kongera kuboneka muri uru rusengero kuri uyu mugoroba. Meze nk'uwasaraye. Twagize Ubutumwa nyamara burebure muri iki gitondo, ariko nejejwe rwose n'uko twabubonye. Nanjye ubwanjye bwanteye umunezero, kubutanga, kandi ndizera ko mwagize umunezero wo kubwumva.

2 None, ntimukibagirwe, mujye mwibuka buri munsi ibi, ko ari ibintu byubaka Umugaragu wa Kirisito. Murabona, mbere na mbere ukwizera, hagakurikiraho Imbaraga. Kandi none mwibuke, Umwuka Wera ntabasha gusoza inyubako (inzu) y'Imana, igihe cyose ibyo bintu bidakorwa n'Umwuka. Murabibona? Icyo mwabasha gukora cyose, murabibona. Ni ibyo bintu byubaka Umubiri wa Kirisito, murabona, ibyo bintu. None, ntimukabyibagirwe: mbere na mbere hari ibi: ukwizera, Imbaraga, Kumenya, n'ibindi uko bikurikirana, bigomba kwiyongeraho, kugeza ubwo Umubiri wa Kirisito wuzuye Ugaragara. Nuko rero Umwuka Wera akamanukira kuri Wo (uwo mubiri). Nuko Akawusozesha kuwushyiraho ikimenyetso kubwo kurema Umubiri umwe. Ibyo bintu bigomba kuba biri aho.

Niyo mpamvu Yesu yavuze, ati "Muzabamenyera ku mbuto zabo." Murabibona, imbuto! Ntimwabasha kwera imbuto keretse mufite muri mwe ibyo bintu biyibyara. Kandi rero, iyo ibi byose bisimbuye iby'isi n'ubwigomeke ku Mana, n'ibindi byose, rero ukwinangira (ukutizera) kose kurahunga, nuko ibintu byose by'isi bikarangira, hagasigara gusa rero icyaremwe gishya muri Kirisito.

Nuko rero, Abefeso 4:30 haravuga, hati

> *"Ntimugateze agahinda Umwuka Wera w'Imana, wabashyiriweho kuba ikimenyetso kubw'umunsi wo gucungurwa kwanyu."*

Mwashyiriweho ikimenyetso mu Bwami bw'Imana! None, ntimukibagirwe ibyo. Mujye mufata neza ibyo, none, ni ngombwa mbere na mbere (kugira) ibyo bintu. Hagakurikirwaho, gushyirwaho ikimenyetso (cy'umusozo). Ni cyo Umwuka Wera, ikimenyetso dushyirirwaho mu Mubiri (wa Kirisito). Ni byiza.

3 Dufite icyifuzo, muri aka kanya, kubwa mushiki wacu Little, w'i Chicago, umugabo we yakoze impanuka y'imodoka kandi ari ku nkingo, mushiki wacu Little. Kandi Edith Wright, mushiki wacu hano, uwo tuzi uhereye kera cyane, ararwaye cyane rwose, ari mu rugo kuri uyu mugoroba kandi bifuzaga ko bimenyeshwa Itorero, kugira ngo tubashe twese gusengera hamwe kubw'icyo cyifuzo. Nuko muri aka kanya twubike umutwe akanya gato.

4 Data wo mu Ijuru w'igiciro gikomeye, duteranye (kubwo kwizera) tugose Intebe y'Ubwami y'Imana, kandi turasaba Imbabazi ziva ku Mana kubw'ibi byifuzo. Mwene Data Little, yagize impanuka y'imodoka, ni uwupfa. Yoo, Mana, mufashe, Umwuka Wera abashe kuba iruhande rw'uburiri bwe, kandi amutugarurire, Mwami. Na Edith Wright muto hariya, ndinginze, yoo! Mana, Umwuka Wera abe hafi y'uburiri bwe kuri uyu mugoroba, kandi amugaruremo intege. Bitange, Data. Wasezeranije ibi bintu kandi turabyizeye. Kandi nk'uko twabisubiragamo muri iki gitondo, ko intera ntacyo ivuze kuri wowe: uri mugari bihagije mu gice kimwe cy'isi kimwe n'uko uri mu kindi, kubera ko uba hose, ushoboye byose, kandi ntufite itangirirro n'iherezo. Na none turakwinginga, Data ngo usubize ibi byifuzo, kubw'Izina rya Yesu Kirisito. Amina

5 Nejejwe cyane no kongera kuboneka aha kuri uyu mugoroba, kubwo … Nzi y'uko hashyushye. Twagize amateraniro atatu akurikirana, kandi nziko hagati yanyu hariho abafite kugeza kuri km 800 z'urugendo mu modoka, uhereye ubu ukageza ejo mu gitondo. Kandi guhera ejo bundi njyewe nzaba mfite Km 2250 zo kugenda mu modoka, nyuma y'ibi. Rero, njye nizeye neza ko mwagize mwese ibihe bihebuje. Njyewe, nagize ibihe by'agahebuzo byo kubana namwe. Hariho gusa ikintu kimwe twasabye, byadusabye ko tutakira abantu benshi kubera impamvu zo kubura imyanya, - ntitubasha gufunga cyane inzira, abashinzwe iby'ubutabazi ntibakwemera ibyo. Rero, aho, turagerageza ngo tubone urusengero runini ruruseho, kugira ngo igihe tuzaba turi aha, tujye tubasha kugira imyanya ihagije yo kwicazamo abantu.

6 Kandi none, igihe icyo ari cyo cyose, mwifurijwe ikaze igihe cyose hano mu Ihema, aho ntidufite ikindi twizera usibye Kirisito, nta rindi tegeko usibye Urukundo, nta kindi gitabo usibye Bibiliya. Kandi Umushumba wacu ni Mwene Data Orman Neville, hano. Kandi Iteraniro dufite aha, ni abantu benshi bateranira aha kugira ngo bakore Iteraniro (Ihema) ritavangura amadini : muza kuramiriza Imana aha, bijyanye n'uko umutimanama wanyu ukuyoboye. Tunezezwa buri gihe no kubagira hamwe natwe. Rero, mujye muza igihe mubishoboye. Tunezezwa buri gihe no kubakira.

Kandi none, nk'uko mbizi, inshuro ikurikiraho, ko nzaba ndi kumwe na mwe, bizaba ari nyuma y'uko urusengero ruzaba rwarangiye. Kandi icyo gihe, ndifuza, nyuma y'Ibihe by'Itorero, rero twifuza gutangira Ibimenyetso bya nyuma birindwi, kandi, Ibimenyetso bya nyuma birindwi byo mu Gitabo cy'Ibyahishuwe, gutanga inyigisho kuri ibyo.

7 Kandi, none, bikunda kubaho kenshi ko abarwayi n'abababaye baza, kandi, muri ayo materaniro, ibibazo bisaba amayerekwa, kandi baza kubw'ibiganiro by'umwihariko. Iyo mbyinjiyemo, hanyuma njejwe -

sinabasha gushyira itandukaniro hagati yayo yombi, kandi murabizi, ni ibigoye kuri njye kubwiriza nyuma y'ibyo. Buri wese azi ko, mu gihe cyo gusengera abarwayi, ubusanzwe ni M. Baxter cyangwa undi muntu ubwiriza; nuko njyewe nsohoka kubwo gusengera abarwayi kuko bijya gusa n'ibinaniza cyane. Nasengeye abantu hashize umwanya muto, kandi na none nahuriye n'umwana muto aho, w'abaganga … yari afite ikintu mu mugongo, ni uguhera akivuka. Mugusohoka, namubonye yicaye hariya, yashyizweho sima (yo kwa muganga). Uriya mwana ntazakomeza na rimwe kuba ikimuga kuriya, agiye gukira. Nibyo rwose, murabibona: ibyo, ndabizi. Murabibona, mbizi neza. Rero, turifuza kugira ukwizera no kwizera Imana.

8 Buri wese muri mwe, kandi benshi muri mwe simbazi, abakozi b'Imana bose n'abandi. Niba ntibeshye, aha, ni Mwene Data Crase. Si ukuri? Mwene Data Crase, njyewe - mbiseguyeho, kubwo kuba ntaraje hariya, kubwo gutaha urusengero. Birashoboka ko nzahaza kubw'iteraniro risoza icyumweru, bizaba na none ari byiza. Si ukuri? Hariya, i Bloomington. Mumeze neza? Nuko. Bamwe muri Benedata aha, ni Abakozi b'Imana, niko ntekereza. Muri Abakozi b'Imana? Nibyo, mugenzi. Imana ibahe umugisha. None, hari Abakozi bangahe muri iki cyumba? Muzamure ikiganza. None, ibyo, ni byiza cyane. Tunejejwe no kuba tubafite hano hamwe natwe, muby'ukuri turanezerewe cyane. Imana Ibahe umugisha.

9 None, kugira ngo tubashe gusohoka hakiri kare cyane bamwe bari bujye mu Georgie, Tennessee, New York, ahantu hose, kuri uyu mugoroba barasubirayo kuri uyu mugoroba. None, mutwarane imodoka ubushishozi mu muhanda. Niba mufite ibitotsi, kandi mudashaka guhagarara mu icumbi, muhagarare ku nkengero y'umuhanda nuko muryame kugeza ubwo … Nibyo njye nkora. Murabibona, muhagarare, rwose, nuko muryame. Ntimutware imodoka igihe mufite ibitotsi. Ntabwo ari byiza. Kandi, mujye mwibuka, ntabwo ari mwebwe, ni uwo wundi mugomba kubungabunga. Murabona? Muzi aho mujya: we, ntimuzi aho ajya, rero ni ngombwa kubungabunga uwo. Rero, mube muzi neza ko muri maso ibihe byose, kubwo kwita kuri byo.

10 None, nifuje gusoma kuri uyu mugoroba igice cy'Ibyanditswe kiboneka mu Butumwa bwiza bwa Yohana, iyi mirongo migufi dusoma kandi turi bugende tugaruka ho, iratubera ishingiro ry'ibyo dushaka kuvuga. Kandi iminsi yose, - nta nshuro n'imwe nigeze na rimwe , ntabwo nibuka na rimwe ko naba naragiye ku ruhimbi kugira ngo ngerageze kuvuga ikuntu runaka, rwose kubwo kwivugira ikintu runaka, nkora uko nshoboye iminsi yose gutegereza, kugira ubushishozi, gususzuma (kwiga), gusenga, kugeza ubwo ngize ikiyumvo cy'uko nakiriye ikintu runaka kizafasha abantu. Niba ntabasha kuba imfashanyo, rero ni ibidafite umumaro ko nahagarara aha, murabibona. Ni ukugirango ngerageze gufasha! Kandi ubu, kuri uyu mugoroba, mu buryo bugaragara, igice kinini cy'itsinda ryacu cyasubiye yo muri iki gitondo. Kandi, byari ngombwa ko basubira yo (imuhira), benshi muri bo. Nyamara, kuri uyu mugoroba nari nababwiye ko niba musigaye, turi buze kongera kuvuga nk'iminota hafi mirongo ine n'itanu ku kintu cyo nizera ko cyaza kudufasha, kandi kubwo gushaka ishingiro ry'ibi, ubu, tugiye gufata Yohana 16: 15

*Ariko ndababwira ukuri: ikibafitiye umumaro ni uko njyewe ngenda: kuko niba ntagiye, Umufasha ntazaza aho muri; ariko niba ngiye nzamubohereza.*

*Kandi ubwo uwo azaza, azatsinda ab'isi, abemeze ibyaha, n'ibyo gukiranuka, n'iby'urubanza (iby'amateka); iby'icyaha kuko batanyizera; ibyo gukiranuka, kubera ko njya kuri Data, kandi mukaba mutakimbona habe namba;*

*Iby'urubanza, kuko umutware w'ab'iyi si aciriweho iteka. Ndacyafite ibyo kubabwira "Nyamara ubu ntimubasha kubyihanganira. Nyamara igihe uwo nguwo, Umwuka w'ukuri, azaba aje, azabayobora mu ukuri kose: kuko atazavuga ku bwe, ahubwo azavuga ibyo azaba yumvise byose, kandi azabamenyesha ibintu byenda kubaho.*

*Kubera ko uwo azanyubahisha; kuko azafata ku byanjye akabibamenyesha. Ibyo afite byose - ibyo Data afite ni ibyanjye; niyo mpamvu, navuze ko azafata ku byanjye, kandi ko azabibamenyesha.*

11 None, ku murongo wa 13, aha.

*"Ariko igihe Umwuka w'Ukuri azaba aje, azabayobora mu Kuri kose. Igihe Umwuka w'ukuri azaba aje, azabayobora mu Kuri kose."*

Ukuri, ese ni iki? Ijambo. "Kuko azavuga, ntazavuga ku bwe, ahubwo azavuga ibyo azaba yumvise. Azavuga ibyo azaba yumvise." Muyandi magambo, azaba uzahishura ikintu, murabibona. Kandi mu gice cya 4 cy'Abaheburayo, Bibiliya ivuga ko

*"Ijambo ry'Imana rityaye cyane, kurenza inkota ityaye amugi yombi, ko Ryo - ko rirondora ibitekerezo by'Umwuka, byo mu mutima."*

Murabibona: "Ibyo azaba yumvise. Azabivuga, kandi azamenyesha ibyenda kubaho." Murabona? Ni iki kizakora ibyo? Umwuka Wera, uzaza mu Izina rya Yesu Kirisito.

12 Nifuzaga gufata iminota mike ikurikiyeho kubwo kurehereza inyota yanyu ku Ijambo "Umuyobozi,"

Umuyobozi. Murabizi, nagize ubunararibonye buhagije mu mashyamba. Umuyobozi: ni umuntu wo kugira ngo abayobore inzira. Mugomba kugira umuyobozi igihe mutazi aho mujya. Kandi nk'uko mfite akamenyero k'umuhigo, kandi ahantu hose mu isi nagize u - uburyo bwo guhura n'abantu bakora umurimo wo kuyobora abandi, kandi nanjye ubwanjye ndi umuntu uyobora abantu, muri Colorado: kubw'ibyo, nzi agace, nabaye umukozi mu rwuri (runini rwo mumashyamba,) n'ibindi byose, rero mbasha kuba umuntu uyobora abantu muri Colorado.

13 Nyamara, umuntu uyobora abantu agomba kuba azi inzira. Agomba kumenya aho ajya n'icyo akora, n'uburyo abitaho mu rugendo. Murabona? Agomba kureba ko mutayoba. Umuntu uyobora abantu, ni umuntu watoranijwe. Ni Leta itoranya uwo muntu, niba ari umuntu uyobora abantu.

Kandi none, igihe mugiye gutembera mu gice cy'amashyamba, aho mudafite birashoboka akamenyero ko kujya, ntabwo ari byiza ko mugenda mutamufite. Mu kuvuga ukuri, hariho ahantu aho udashobora kujya ndetse utamufite; nk'urugero muri Canada. Umuntu uyobora agomba gusinya ku rupapuro rutanga uburenganzira bwanyu, ni urw' urinda inyamanswa. Agomba kwiyandikisha, kandi muba muri ku gahanga ke. Niba hagize ikibazo icyo aricyo cyose, niwe ubibazwa. Agomba kubitaho. Agomba kureba niba mutayoba. Agomba kumenya neza ko atabohereje ahantu ho mutari bumenye uko mugaruka. Kandi niba biramutse bibayeho ko muyoba, agomba kuba azi ahantu neza ku buryo buhagije, ku buryo aza kubasha kujya kubashaka igihe icyo ari cyo cyose. Agomba kumenya ibyo bintu byose, bitabaye ibyo ntiyabasha kuba umuyobozi, ntabwo yabasha kubona uburenganzira bwo kuba umuyobozi.

Kubw'ikintu nk'icyo, rimwe na rimwe ni ngombwa ko mufata gahunda, ko muhamagara mbere kandi ko mufata ingamba z'urugendo, ko muba mufite gahunda mwahawe mbere, kugira ngo babaherekeze. Kandi niba icyanyu … Rimwe na rimwe, ingengabihe ye iba yuzuye, ntabasha kubaherekeza, mugomba kwimurira ibyo ikindi gihe, ku mpamvu - ku mpamvu z'umuntu ushinzwe kuyobora w'isi. Ntimufite na rimwe gukora ibyo ku Muyobozi w'Imana, iteka aba yiteguye, buri gihe yiteguye.

14 None, niba mutitaye kuri iyo myiteguro, kandi mukaba muteganyije kujya gutembera ahantu h'amashyamba aho mutigeze na rimwe mujya mbere, mubasha kuyoba, kandi mukazimira. Mufite hafi rimwe ku ijana ry'amahirwe yo gusohoka aho hantu h'amashyamba; ni ukuvuga, niba ritari inzitane cyane, birashoboka ko mwaba mufite rimwe ku ijana by'amahirwe yo gusohoka mo uri wenyine. Nyamara niba ari ahantu h'ishyamba habi cyane, kure cyane, ntimufite amahirwe na busa yo kuhasohoka. Nta buryo na bumwe buriho bwo kuhasohoka kubera ko muzisanga murimo gukora urugendo rw'ubwiyahuzi. Kandi icyo gihe mwebwe - muba muri mu mazi abira, icyo gihe muba murangiye. Rero, kandi muzazimira, niba mudafite ubayobora uzi aho hantu kandi uzi uburyo mugaruka.

15 Benshi muri mwe bamenye inkuru, mwarayisomye umwaka ushize, hariya, i Tucson, muri Arizona, ya bariya bahungu b'abasikuti. Nyamara bari bahawe imyitozo, kubwo kumenya kwirwanaho ubwabo bonyine, bari abasikuti. Kandi ntabwo bari abana bato b'abasikuti bohereje, bari abasikutu nyakuri (nyabo). Bakoze urugendo rwo gutemberera ku musozi, nuko inkubi y'amasimbi yarahagurutse, ibintu byahinduye icyerekezo. Kandi aho barayobye nuko barazimiye bose: ni kubera ko bo … ikintu runaka, habayeho impinduka y'imigendekere y'ibintu isanzwe iyo batari bamenyereye, ntibari bakimenya uko basohoka. Murabona? Kandi ntabwo nzi na none abahungu bazimiriye mu musozi uko bangana, nubwo bohereje za kajugujugu n'abantu batojwe, n'abarinzi ba Leta, n'abakorerabushake, n'abandi bose. Nyamara bari bayobye, nta muntu wari uzi aho bari bari. Kandi ntibabashije kwirwanaho ubwabo bonyine. Bose bazimiriye mu masimbi, kubera ko ntibari bakimenye niba bari berekeje iburasirazuba, amajyaruguru, iburengerazuba cyangwa amajyepfo, niba barazamukaga cyangwa niba baramanukaga, nta nakimwe, kuri bo byose byari kimwe.

16 Nyamara umuntu uyobora abandi aba azi aho ari, uko igihe cyaba kimeze kose. Aba afite - aba afite ibyangombwa kubwo gukora ibyo. Aba azi icyo akora. Aba afite akamenyero ka byose. Aba azi imiterere ya byose, abasha rero kuba mu icuraburindi, kandi yabasha gukorakora ikintu runaka akakimenya.

Nk'urugero, dore amayeri ya kera y'umuntu uyobora. Murabizi, niba mubasha kubona inyenyeri, uwo ari we wese muri mwe, mubasha kumenya icyerekezo mujyamo icyo ari cyo, niba mwitegereza inyenyeri. Kandi mugomba buri gihe kwitegereza inyenyeri imwe imurika cyane. Hariho gusa inyenyeri imwe rukumbi imurika cyane, ni inyenyeri ndanguzi (Inyenyeri ya kibera inka). Murabibona, imwe rukumbi; uwo mubumbe uguma buri gihe mu mwanya umwe. Ishushanya Kirisito,ejo uko yari iri, ni ko Ari uyu munsi n'iteka ryose niko Azahora. Izindi zabasha kwitarura inzira ariko yo, iguma uko iri. Amatorero yabasha kubakururira muri iki cyerekezo, cyangwa ayandi akabakururira muri kiriya cyerekezo; nyamara ntabwo ari We, ahora buri gihe cyose Ari uko Ari.

17 Nuko, none, niba mutabasha kubona iyo nyenyeri ndanguzi (kibera inka) , bikaba ari urwijiji rw'ibicu, icyo gihe, mufite gusa kureba, niba ari ku manywa kandi ko mwayobye mufite gusa kwitegereza neza ibiti. Igiti, gifite buri gihe, urubobi ruba ku ruhande rw'igiti ruri mu majyaruguru, kubera ko iruhande rw'igiti ruri mu majyepfo ruba rwerekeye izuba cyane kurenza iruhande ruri mu majyaruguru. Ariko iyo ari nijoro, kandi mukaba mutabasha kubona urubobi? Niba muhumirije, nta gushaka gutekereza, ni mufunge amaso

(nimuhumirize) kandi mufate igiti ku gishishwa kinyerera, nimuzengurutse ibiganza byanyu igiti, muri ubu buryo, kugeza ubwo intoki zanyu zihura, nuko rero, nimugende buhoro muzenguruke igiti, Nuko igihe muzakora ahantu aho igishishwa gifite umubyimba munini, gifite imusate, ibyo ni uruhande rw'amajyaruguru (imiyaga), rero mubasha kimenya icyerekezo mujyamo icyo ari cyo, mu majyaruguru cyangwa mu majyepfo. Kandi kubw'ibyo, oh ! Hari ibintu byinshi, ariko ni ngombwa kuba uri umuntu uyobora kugirango ubashe kumenya gukora ibyo bintu. Umuntu usanzwe yajya aho, kandi akavuga, ati « Kuri nye, mugukorakora, ntatandukaniro. » Murabona? Murabibona, mugomba kuba muhugutse. Kubwo gukora uwo murimo wo kuyobora abantu.

18 Abo bahungu, nta gushidikanya ko bari abasikuti bashoboye cyane. Bari bazi birashoboka gufunga amapfundo, bari bazi birashiboka gukora umuriro bifashishije amabuye, n'ibindi nk'ibyo, gutyo. Ariko, kumenya aho basohokera, ibyo nibyo byangombwa! Bo - ntibari bazi aho gusohokera, kandi, rero, barazimiye bose, kubera ko ntabwo bari baherekejwe n'umuyobozi.

Umubyeyi utagira amakenga, hashize imyaka ibiri, muri Colorado, oh ! Yari agiye kujya mu misozi, yari afite akana k'agahungu gato k'imyaka hafi itandatu cyangwa irindwi. Yari agiye kumujyana guhiga ifumberi ku nshuro ya mbere. Nuko, bazamutse mu mpinga ku musozi nuko akana k'agahungu kabwiye se kati «Ndananiwe. »

19 « Zamuka k'umugongo wanjye. Ntabwo turi na none mu mpinga (y'umusozi) bihagije, ifumberi ziba mu mpinga (y'umusozi) hejuru. » Nuko umugabo yarakomeje, arakomeza, arakomeza, kugeza ubwo ya … ntabwo yari azi, yari umuntu wo mu mugi. Ntabwo yari azi namba uburyo bwo guhiga haba no kumenya aho kujya. Umuntu uwo ari we wese uzi byaba bikeya mu turere tw'amashyamba, azi ko ifumberi zitaba mu mpinga (z'imisozi). Ntabwo zijya aho mu mpinga. Ni isha ziba aho mu mpinga, ntabwo ari ifumberi. Zo ziba ziri hasi (ahaciye bugufi), aho zibasha kubona ibizitunga, ni ngombwa ko ziba ahari ibyo zirya. Kandi rero, ariko uwo muntu, yaravugaga ati « Ninzamuka hejuru cyane, mu bitare, ahantu runaka hejuru aho, ndabona imfizi nini. » Yari yayibonye ku ifoto ihagaze ku - ihagaze ku rutare. Nuko yatekereje ko ari ho yayisanga. Ntimukite ku bivugwa muri biriya binyamakuru, oh! Ra ra ra ra ! Muzabona ibikomeye biteye ubwoba! Ibyo, hari ikintu kimwe cyo gukora. Ni ugusaba guherekezwa n'umuntu uyobora abantu (umuyobozi) kugira ngo mubashe kumenya aho muherereye.

20 Kandi uwo mupapa, uwo mwanya imvura yatangiye kugwa aho mu mpinga (y'umusozi), imwe muri ziriya mvura z'umugaru w'akanya gato ziza gitunguro. Nuko uwo mugabo wari wakerereje ahiga, kugeza ubwo ijoro rigwa, kandi ntiyari agifite na rimwe kongera kubona inzira ye. Nuko u … hanyuma umuyaga waturutse mu mpinga z'imisozi, kandi we yagendaga yihuta, kandi ni …

Ni ngombwa kumenya (uburyo bwo) gukomeza kuba muzima, niba mwisanze muri mu mazi abira hariya. Dore ikindi kintu: kumenya (uburyo bwo) gukomeza kuba muzima! Nuriye ibiti kandi naramanutse nyerera kugera hasi, nurira ibiti, manuka nyerera kugera hasi, nzamuka namanuka, gutyo, kugira ngo nkomeze kuba muzima. Nakuyeho ikimanyu cy'amasimbi igihe hari hari igifite m1.22 z'ubuhagarike za buri ruhande, navunaga igishyitsi cy'igiti kandi nakiryamishaga ku butaka. Kandi nari nshinje cyane ku buryo byari hafi ibitakwihanganirwa! Navunaga ibishyitsi by'ibiti byashaje, narabicanaga, kandi ubushyuhe bwashongeshaga amasimbi. Hanyuma, hafi saa moya cyangwa saa mbiri za mugitondo, nakuragaho ibishyitsi, nuko niryamiraga ku butaka bushyushye, kubwo kugira ngo nkomeze mbe muzima. Mugomba kumenya gukora ibyo bintu.

21 Uwo mugabo, ntiyari azi icyo yakoraga, ntiyari afite umuntu hamwe na we kugirango amuyobore. Nuko yafashe agahungu ke bwite mu gituza cye, kugeza ubwo akumva kahindutse umukonjera kandi kapfuye. Ukutagira amakenga! Iyaba gusa yari yaherekejwe n'umuntu uyobora (umuyobozi), uwo yajyaga kuba ako kanya yaramuvanye ku musozi, aho isaha yajyaga kuba igeze hose; murabibona. Nyamara yategereje ko ijoro rigwa, icyo gihe, ntiyajyaga kubona aho yarimo kujya.

Nicyo kibazo cy'Abakristu uyu munsi. Bategereza ko umwijima uza, kandi aho babona ko bagiye nta muyobozi. Umuyobozi!

22 None, mwigeze mubona umuntu wari wayobye? Ese hari umuntu aha wigeze bimubaho kugarura umuntu wayobye? Nta kindi na kimwe cyatera impuhwe nyinshi zirenze kumubona. Igihe umuntu ayobye, ahinduka nk'umusazi. Ntamenya namba icyo akora. Twasanze umuntu aho, umugabo ukiri muto, yari yayobeye mu mashyamba, kandi yari ameze, yaratekerezaga … yari umukozi w'urwuri, ariko ntiyari ari mu ntara y'iwabo, nuko yarayobye, yayobye inzira ye. Nuko, iminsi itatu nyuma yaho, igihe bamubonye, yirukaga nk'uwahanzweho, yarasakuzaga bimena umutwe (cyane). Yari afite iminwa yose y'ibibari, yari yataye imbunda ye kandi ntiyari azi namba icyo akora. Nuko igihe mwene se bavukana, igihe … byabaye ngombwa ko bamufata kandi bakamujisha. Igihe mwene se bavukana yaje amusanga, yamusimbukiye nk'inyamanswa, yashakaga kumuruma, byari byamurenze. Kubera iki? Yari yayobye. Kandi igihe umuntu ayobye, aba ari mu gice cyo guta umutwe. Kandi ntamenya y'uko ari muri icyo gice, kubera ko kuba yayobye bimutera …, ntaba azi namba aho ari, kandi ntaba akigenzura imyitwarire ye.

23 Ni kimwe n'igihe umuntu yayobeye (yagiye), kure y'Imana! azakora ibintu atagakoze ubusanzwe.

Azakora ibintu ibyo we - bitatekerezwa ko ikiremwamuntu cyabasha gukora. Umuntu wayobeye, kure y'Imana, Itorero ryayobeye, kure y'Imana, Itorero ryagiye kure y'Imana, ryagiye kure y'amahame ya Bibiliya y'Imana, rizakora ibintu rimwe na rimwe, utakwibwira gusanga mu Itorero ry'Imana nzima. Bazabona amafaranga bashyiraho amatsinda y'imikino y'amahirwe, bakina imikino y'amahirwe, bakina urusimbi. Ibyo aribyo byose bakibwira gukora. Bazigisha ibibonetse byose, bazareka ibibonetse byose bikorwe, abantu batanga amafaranga menshi mu Itorero, bazabashimangiza, n'ibindi nk'ibyo, gutyo, bazabareka bakomeze batyo. Ni uko biri. Kwemera mu nama y'abadiyakoni abagabo bashatse (barongoye) inshuro eshatu cyangwa enye, gusa kubwo kubasha kwirwanaho ku ruhande rw'umutungo. (amafaranga), guhuza impembe zombi. Hariho gusa uruhembe rumwe mugomba guhuza, nicyo musabwa imbere y'Imana. Nimuhagarare aho kandi muvuge ukuri! Uwayobye, umuntu wayobye aba ari mu gice cyo guta umutwe, aba ari nk'umusazi.

24 Umuyobozi aba afite ubwenge bw'ibintu, aba azi uburyo akora nicyo agomba gukora. Imana, mu … Imana buri gihe yohereje Umuyobozi ku Bwoko bwayo. Imana ntiyigeze na rimwe kubikora. Yohereje Umuyobozi. Ariko mugomba kwemera uwo Muyobozi. Murabibona? Mugomba kumwiringira. Mugomba kujya mucyerekezo ababwiye. Iyo mugiye ahantu h'amashyamba, kandi umuntu ubayoboye akababwira, ati "Turafata iki cyerekezo," ariko mwebwe, mukaba mutekereza ko ari kiriya cyerekezo mugomba gufata, muzayoba. Rero, igihe mwebwe … Imana itwohererereza Umuyobozi wo kutuyobora, tugomba gukurikira uwo Muyobozi. Ibyo twatekereza ibyo ari byo byose, bigaragara nk'ibyumvikana kandi bimeze nk'ibyo gusekwa, ntidufite uushobozi bwo kubigenzura, (kubicira urubanza), ibyo ni ibireba Umuyobozi kandi ibye wenyine.

25 Imana mu Isezerano rya kera, yohereje Abahanuzi. Bari abayobozi, kubera ko Ijambo ry'Umwami ryaje ku muhanuzi. Bari abayobozi bahaga amabwiriza abantu, nk'uko twabivugaga ejo ku mugoroba, tuvuga Yesaya na Uziya. Bakiraga amabwiriza, nuko bagaha amabwiriza abantu, kandi barabayoboraga. Kandi rero, Imana burigihe yohereje abayobozi Bayo, igihe cyose, ntihigize habaho na rimwe igihe aho Itari ifite Umuyobozi, ibihe byose. Imana burigihe yabaga ifite umuntu wayihagarariraga kuri iyi si, mu bihe byose.

Nyamara, rimwe na rimwe abantu bajya kure y'Umuyobozi, bata umuhanda wa gare ya moshi "Bata inzira" nk'uko bavuga. Igihe Yesu yari hano ku isi, murabyibuka, siko biri, ko Yesu yabwiye Abafarisayo, ati "Mwebwe abarandasi (abayobozi) b'impumyi? Abayobozi b'impumyi, impumyi ku bintu by'umwuka. Murabona? Nyamara, bagombaga kuba ari abayobozi, abayobozi b'abantu, bayobora abantu ku gakiza. Ariko Yesu yaravuze, ati "Muri impumyi!" Kandi yaravuze, ati "Nimubareke, kuko iyo mpumyi iyoboye impumyi, ntizigwa zombi mu mwobo?" Abarandasi (abayobozi) b'impumyi! Oh! Uburyo isi yandujwe n'ibyo, ubuyobozi bw'impumyi. Ntiyifuza ko mushingira ku bwenge bwanyu, haba no ku bitekerezo byanyu, haba no ku gitekerezo na kimwe cy'umuntu.

26 Imana yohereje Umuyobozi, kandi Imana yifuza ko mwibuka ko ari uwo Muyobozi yashyizeho. Kandi tugomba kumwibuka. Haravugwa aha, Yesu yaravuze, ati "Sinzabasiga ahubwo nzasaha Data, kandi azabohererereza undi mufasha." Kandi uwo mufasha, igihe azaza, azatuyobora mu Kuri kose. Kandi Ijambo ry'Imana ni ukuri, kandi Ijambo ni Kirisito: "Ni njye Nzira, Ukuri n'Ubugingo." Niwe Jambo: "Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yahoranye n'Imana, Jambo yari Imana. Kandi Jambo yabaye umuntu, nuko Atura muri twe. Rero, niba dukurikiye Uw'ukuri, umuyobozi nyakuri; Umwuka Wera: Yagombaga kutubwira ibyo yari yabonye, ibyo yari yumvise, kandi yagombaga kutwereka ibintu byenda kubaho. Amina.

Kandi rero ko Amatorero y'iki gihe adakozwa ibyo, ni buryo ki tubasha gutekereza iteka kujya mu Ijuru? Mu gihe Umwuka Wera twamwoherererejwe nk'Umuyobozi, tuzemera umukaridinari, musenyeri (Umwepisikopi), umuyobozi mukuri w'Itorero, cyangwa umuntu nk'uwo kugira ngo atuyobore, mu gihe Umwuka Wera twamuhawe kugira ngo atuyobore.

27 Kandi Umwuka Wera avuga igihe cyose ku Ijambo. "Mfife ibintu byinshi byo kubabwira, ntimubasha kubisobanukirwa ubu, ariko igihe azaza, azabibayo-raho." Dore impamvu habayeho Ibimenyetso. Ku iherezo ry'Ikimenyetso cya Karindwi, Ubwiru bw'Imana bwajyaga gusohora: Kumenya icyo Imana Ari cyo, uburyo Ibaho, kamere Yayo, imiterere Yayo. Icyo gihe, mwagombye kuba muri hejuru, aha, murabibona; bikatujyana mu kuzura k'umuhungu n'ukumukobwa w'Imana, Itorero ryogejwe mu Maraso ya Kirisito, ryaguzwe nta feza, ryaronswe kubw'amaraso ya Yesu Kirisito.

28 Rero, dore niho turi, Umuyobozi, kandi We ni Umuyobozi w'Imana yatanze, Ariko, tunyura ahantu tutazi, turi mu rugendo tugana ahantu runaka, kandi ntitwabasha kwirwanaho nta Muyobozi. Ntihagire umuntu wahirahira (watinyuka) kugerageza kumusimbuza undi Muyobozi! Nimuramuka mubikoze uwo nguwo azabavana mu mirongo. Uyu Muyobozi, azi inzira! Azi buri gace k'inzira. Amenya buri gitekerezo kiri mu mutima wanyu. Azi buri wese uri hano. Azi abo muri bo n'icyo mwakoze, kandi ibyanyu byose. Ni Umuyobozi waturutse ku Mana, Umwuka Wera, kandi Azabahishurira ibintu, kandi Azavuga ibintu byo azaba yumvise; Abasha gusubiramo amagambo yawe bwite, akavuga ibyo mwavuze. Amina. Akababwira icyo mwari muri cyo, icyo mufite, aho mujya. Umuyobozi, Umuyobozi ukwiriye ; Azabayobora mu Kuri kose, kandi Ijambo Rye ni Ukuri.

29 Ariko, Umwuka Wera ntazakora, ntazavuga na rimwe “Amina” ku kintu cy'inyigisho y'umuntu. Azahamiriza gusa Ijambo ry'Imana n'Amina, kubera ko ryo ni ukuri. Umwuka Wera ntuzabayobora mu kindi cyerekezo na kimwe. Nyamara igisa n'igisekeje, ni uko twebwe twese, amadini yacu yose akomeye n'abandi bose, duhamya twese ko tuyobowe n'Umwuka Wera, kandi hari itandukaniro rinini hagati yacu nk'iriri hagati y'amanywa n'ijoro.

30 Ariko, Pawulo, uwo mufarisayo muto wari warakiriye Umwuka Wera igihe Ananiya yamubatije, yagiye muri Arabiya, kandi yamaze imyaka itatu aho yiga, yaragarutse, ntiyigeze na rimwe abaza Itorero ku kintu icyo ari cyo cyose mu gihe cy'imyaka cumi nine, kandi igihe yagiye kubonana na Petero, umuyobozi w'itorero ry'i Yerusalemu bari bafite neza neza inyigisho shingiro imwe. Kubera iki? Umwuka Wera umwe! Mu gihe Petero yabatizaga mu Izina rya Yesu Kirisito, Pawulo, yakoze nkabyo; nta muntu wabimubwiye. Mugihe Petero yigishaga umubatizo w'Umwuka Wera, ni ukwezwa, n'ibindi byose, Pawulo yakoze nk'ibyo, atabanjije kubaza Itorero. Kubera ko yari umuyobozi Umwe. None, ni kubuhe buryo ibyo byabashaga kuba bityo kuri twe, uyu munsi, mu gihe abantu bahakanye ibyo bintu by'ukuri? Igihe Petero yatanze inyigisho ye ku buryo Itorero ryagombaga gushyirwa muri gahunda, Pawulo yari afite inyigisho imwe na we, kubera ko bari bafite umuyozi umwe.

31 Umuyobozi ntazajyana umwe muri iki cyerekezo, kandi umwe (undi) muri kiriya cyerekezo, kandi agatwara umwe iburasirazuba kandi undi iburengerazuba. Azabarindira hamwe. Kandi niba turetse rwose Umwuka Wera akaturindira hamwe, tuzaba umwe. Niba - niba tutaretse umwanzi ngo adukururire mu nzira ze, tuzagira umutima umwe, igitekerezo kimwe, tuzavuga rumwe, kubw'Umwuka umwe, Umwuka Wera, Umuyobozi waturutse ku Mana Uzatuyobora mu Kuri kose. Niko biri. Nyamara mugomba gukurikira u - umuyobozi wanyu. Nibyo mugenzi wanjye.

32 Nimwitegereze Nikodemu, yari akeneye Umuyobozi, nyamara yari umunyabwenge. Yari inzobere y'umwigisha ufite hafi imyaka mirongo inani. Yari umwe mu bafarisayo, cyangwa abanyarukiko rukuru, bagize inama, bagize ishyirahamwe ry'abashumba: yari umwe mu bantu babo b'ibikomerezwa, inzobere y'umwigisha wa Israel, kabuhariwe muri urwo rwego. Nimubitekerezeho, kabuhariwe mu mwuga wo kwigisha! Nibyo, yari azi amategeko, ariko kubyerekeye kuvuka ubwa kabiri, yari akeneye Umuyobozi. Yari afite inzara y'ibyo. Yari aziko hagombaga kubaho uko byamera kose ikindi kintu. Ibyo (yasobanuriye) yagaragarije Kirisito ririya joro byarabigaragaje ibyerekanywe nabyo, ni byo abandi batekerezaga, nyamara nta numwe muribo wagize ishusho nyakuri nk'iyo we yagize. Ntanumwe muri bo wajyaga kubasha kujya hariya kugira ngo akore ibyo we, yakoze. Murabizi, abantu bajya bagaya Nikodemu kubera ko yaje nijoro. Yarahashyitse. Yarahagaze. Nzi abantu batifuza ndetse guhaguruka, kumanywa kimwe na n'Ijoro. Nyamara we, yarahageze, kandi yifuzaga Umuyobozi, yaravuze, ati “Mwigisha twebwe” abagize urukiko rukuru, “Tuzi ko uri umwigisha woherejwe n'Imana.” Ni buryo ki yari abizi? Yari yahamirijwe. Murabibona, yifuzaga kumenya kuvuka ubwa kabiri icyo byari cyo, yagiye nta guca hirya no hino ku Wo byarebaga, kubera ko Imana Yari yahamije ko uyu yari Umuyobozi (wayo waturutse kuri yo), Yesu. Nimwitegereze icyo yavuze, ati “Mwigisha, tuzi ko uri umwigisha waturutse ku Mana, kubera ko nta muntu wabasha gukora ibintu ukora, niba Imana itari kuwe na we.”

33 Aho byari uguhamya, ko hari hari muri we Imana nzima. Yari yabihamije, ati “Sinjyewe ukora imirimo (ibikorwa), ni Data uba muri njye. Ni ukuri, ndabibabwira, Umwana ntacyo abasha gukora ku bwe; ahubwo icyo abona Data akora, Umwana nawe agikora ku buryo bumwe. Data arakora, kandi nanjye na none ndakora kugeza ubu.” Muyandi magambo, Imana yamwerekaga icyo akora, kandi yajyaga gusa gusubiramo ibimenyetso, ntacyo yakoraga igihe cyose Imana yabaga itakimubwiye ngo agikore. Amina. Ibyo, muby'ukuri ni ibikorwa uko byakabaye. Niba gusa twakoraga kandi tugategereza uko Umwuka Wera adusunikira gukora! Nibyo. Hanyuma, tube twirangurije rwose muri Kirisito ku buryo hatabaho kubasunika kubwo kubatera gukora nk'uko Agomba kubikora kuri njye, ahubwo ko ku kimenyetso cya mbere cy'umutwe, mube mwiteguye, kandi ko ntacyabahagarika, kubera ko muzi ko ari ubushake bw'Imana.

34 Yari akeneye Umuyobozi. Kandi Uyu yari Umuyobozi wahamijwe. Yabashaga kuyoborwa n'uwo Muyobozi, kubera ko yari azi ko uwo Muyobozi yari asizwe n'Imana. Yari aziko iriya mihango yabereye imbata, birashoboka kubw' Abafarisayo, Abasadukayo n'abandi, yari yarabaye imbata y'izo nyigisho uhereye kera, kandi ntacyo yari yarabonye gikorwa. Ariko, dore umuntu uje, aravuga ko ari We Mesiya wasezeranijwe na Bibiliya. Kandi dore nguriya arakora imirimo (ibikorwa) ndetse y'Imana. Yesu yaravuze, ati “Niba ntakora imirimo (ibikorwa) ya Data, rero ntimunyizere. Nyamara niba mutabasha kunyizera, nimwizere imirimo (ibikorwa) nkora, kubera ko irampamya.”

35 Rero, ntabwo bitangaje ko Nikodemu yabashije kuvuga, ati “Mwigisha, tuzi ko uri umwigisha wavuye ku Mana, kuko nta muntu Wabasha gukora ibintu Ukora, niba Imana itari kumwe na we.” Murabibona, yifuzaga Umuyobozi, nubwo hari hariho Umwigisha (w'inzobere) muri ibyo bintu. Yari umwigisha w'Itorero rye. Yari afite icyubahiro, kandi yari munzego (imyanya) zikomeye; yari umuntu ukomeye, ntagushidikanya ko yubahwaga na bose, kuva ku nsharo y'igihugu kugera ku yindi. Nyamara, kugira ngo avuke bundi bushya, yifuzaga Umuyobozi! Natwe na none, turamukeneye, nibyo, twifuzaga umuyobozi.

36 Koroneliyo, yari umuntu ukomeye, umuntu wari wubashywe. Yubakaga insengero. Yubahaga

Abayuda, kubera ko yari azi ko idini yabo yari nziza. Kandi yafashaga abakene, kandi yasengaga iminsi yose, ariko igihe Umwuka Wera yaje (ikintu runaka cyongewe ku Itorero.) Yifuje umuyobozi. Imana yamwoherereje Umwuka Wera. Yamumwoherereje muri Petero: "Ariko, Petero akivuga ayo magambo Umwuka Wera arabamanukira." Imana yakoresheje Umuyobozi, Inyuze muri Petero. Yaramukoresheje, kubera ko yayoboye Koroneliyo inzira nziza. Kandi akivuga, Umwuka Wera yamanukiye abo bantu b'abanyamahanga, rero yaravuze, ati "Tubasha kwima amazi y'umubatizo aba bantu?" Murabibona, yari na none umuyobozi wavugaga, ntabwo ari Petero. Kubw'ibyo, ryari itsinda ry'Abayuda … cyangwa, abantu b'abanyamahanga, "Bahumanye, banduye," kuri we, rero ntiyifuzaga ndetse kujyamo. Ariko Umuyobozi, yaravuze, ati "Ndakohereje." Mukora ibintu mutajyaga gutekereza gukora. Igihe Umuyobozi agufite wese mu nsi y'ubuyobozi bwe, igihe umuretse akakuyobora. Oh! mbega ukuntu bihebuje kuyoborwa n'Umwuka Wera! Niwe Muyobozi, ni byiza. Yavuganye na Petero kandi amubwira icyo yagombaga gukora. Hanyuma, igihe bose bakiriye Umwuka Wera, yaravuze, ati "Ntitwakwimana amazi, kubera ko aba bakiriye Umwuka Wera nkatwe mu Itangiriro." Kandi bababatije mu Izina rya Yesu Kirisito. Ariko, ninde wamuyoboye gukora ibyo? Umuyobozi wari muri we. Yesu ntiyababwiye, ati "Nimuhagarikwe umutima n'icyo muzavuga; kubw'ibyo, ntabwo ari mwebwe muzavuga, ni Data uba muri mwe, ni we uzavuga!" Amina.

37 Inkone yavaga i Yerusalemu. Imana yari ifite Umuyobozi mu isi muri icyo gihe, Umwuka Wera, kandi yari Ifite umuntu aho wari wuzuye uwo Muyobozi. Ntiyari ndetse n'Umubwirizabutumwa, yari nk'umudiyakoni. Yari aho, yakizaga abarwayi, yirukanaga abadayimoni. Yarashikirwaga cyane (n'abantu), hari hari umunezero ukomeye mu mudugudu. Amajana y'abantu yabaga ateranye amugose, nuko Umuyobozi yaravuze, ati "Ntitujya kure cyane, tujye muri ruriya ruhande rundi." Ntiyahakaniye Umuyobozi we.

Ntimukarwanye na rimwe Ijambo ry'Umuyobozi wanyu. Mumukurikire. Bitabaye ibyo, muzayoba. Kandi, mwibuke, igihe mumuvuyeho, mwisanga hanyuma muri mwenyine, none twifuza guhora hafi y'Umuyobozi.

38 Rero, mu rugendo, yaravuze, ati "Siga muri aka kanya iryo tsinda, Filipo, kandi ujye mu butayu, ahatari umuntu. Ariko nkohereje hariya, kandi haraba hari umuntu aho igihe ndibukujyane yo." Kandi dore inkone ije iri yonyine, yari umuntu ukomeye, wari mu kazi k'Umugabekazi, aho muri Etiyopiya. Nuko, yanyuraga aho, asoma igitabo cy' (Umuhanuzi) Yesaya. Kandi Umuyobozi yaravuze, ati "Egera igare." Kandi yaravuze, ati "Usobanukiwe ibyo usoma?"

Yaravuze, ati "Ni buryo ki nabasha gusobanukirwa, nta muntu uhari wo kunyobora?" Oh! Ra ra! Nyamara Filipo, yari afite Umuyobozi. Amina. Nuko yatangiriye kuri icyo gice, nuko amumenyesha Ubutumwa bwiza bwa Kirisito. Amina. Umuyobozi! Nuko yamubatirije mu mazi aho. Nibyo rwose. Oh! Nkunda muby'ukuri ibyo!

39 Igihe Isirayeli yavuye muri Egiputa kugira ngo ijye mu gihugu cyasezeranijwe, mu Kuva 13:21, Imana yari Izi ko batigeze bakora urwo rugendo na rimwe mbere. Urugendo rwa Mayilo mirongo ine gusa [km 64 - N.D.T], nyamara bifuzaga uko biri kose ikintu runaka kibaherekeza. Bajyaga kuyoba. Rero. Yo, Imana yabohererereje Umuyobozi. Kuva 13:21, ikintu nk'iki: "Nohereje Marayika wanjye imbere yanyu, Inkingi y'Umuriro, kugira ngo Ibarindire mu rugendo." Kugira ngo Abayobore kugera muri icyo gihugu cyasezeranijwe. Kandi abana ba Isirayeli bakurikiraga uwo Muyobozi, Inking y'umuriro nijoro, Igicu (cy'ubwiza) ku manywa. Igihe yahagararaga, barahagararaga. Igihe yagendaga, baragendaga. Nuko igihe yabagejeje bugufi bw'igihugu, kandi ntibari bakwiriye kucyinjiramo, Yabayoboye mu butayu bundi bushya. Ntiyifuzaga kucyinjiranamo na bo.

40 Nicyo kiriho, ku itorero, uyu munsi. Ni ukwihangana kw'Imana ntagushidikanya uyu munsi, nko mu gihe cya Nowa, Itorero ryakagombye kuba ryaramaze kugenda iyo riza kuba rwose ryarikosoye kandi rikajya muri gahunda. Ariko bimusaba kutujyana aha na hariya, aha na hariya, aha na hariya.

Isirayeli yari iri kure cyane yo kubishidikanya, igihe bateraga urusaku, babona abasirikare bapfuye ba Egiputa, ifarashi zarohamye, amagare ya Farawo yubamye, bari begukanye insinzi, Mose yari mu Mwuka, yaririmbaga ari mu Mwuka, Mariya yabyinaga ari mu Mwuka, n'abakobwa ba Isirayeli bakubitaga hirya no hino ku nkombe y'inyanja, batera urusaku kandi babyina, bari bari gusa kuntera y'iminsi mikeya ngo bagere mu mata n'ubuki. Bari bari kure yo kwishidikanya ho, kubera y'uko batangiye kwitotombera Imana n'Umuyobozi, bajyaga kugira na none iyindi mirongo ine.

41 Kandi twisanga mu mimerere nk'iyo. Mu kuva aha, ndajya i Shreveport. Umwuka Wera yaramanutse hashize Imyaka mirongo itanu, ku munsi w'igikorwa cy'ubuntu, muri - muri Louisiane, ku munsi w'igikorwa cy'ubuntu. Nkuko Itorero ryatakaje urubuga kumara igihe kirekire! Murabona ko itorero gaturika y'i Roma, mu ntangiriro zaryo, ryari itorero rya Pantekote? Ni ukuri. Niko biri. Ryari itorero rya Pantekote, ariko ibikomerezwa by'abanyamahane baraje nuko bahinduramo i - ibyanditswe by'Imana imihango bashyizeho, babyongeyeho amahame yo kwizerwa n'ibindi byose. Kandi mwitegereze ibyo bafite ubu, nta nkora na ntoya y'Ibyanditswe ahantu na hamwe. Basimbuje ikintu ikindi, akamanyu k'umugati Umwuka Wera. Basimbuje umubatizo wo gusuka amazi uwo kwibiza. Basimbuje "Data, Umwana n'Umwuka Wera" "Umwami

Yesu Kirisito.” Basimbuje, aya mabwiriza akomeye y'Imana yo twahawe, kandi barikure, rwose kure, kure cyane y'inyigisho ya Bibiliya.

42 Pantekote yaramanutse, muri Louisiane, hashize imyaka mirongo itanu, kandi niba iki kintu cy'iyo nkubi kigumyeho indi myaka Magana abiri, kizaba kiri kure cyane kurenza itorero Gatorika, nigikomeza gutakaza urubuga nk'uko byabaye muri iyi myaka mirongo itanu ya nyuma, kubera ko bakomeza kugenda bongeraho buri gihe, ntaguhinduka. Ababwirizabutumwa nk'abakera, byararangiye. Amateraniro mu mihanda, ntawukiyumva avugwa. Ibintu byose wabona, ni ikirundo cy'ibintu byongeweho. Abagore b'imisatsi iconzwe migufi, bambara ya makabutura, biteye amarange, n'ibindi kandi bakiyita abagore b'abakristu. Ingeri (ubwoko) ya Ricky muto na gitari (inanga) ye, uzenguruka hose, n'abagore bafite ikanzu ibafashe cyane, ni nkaho … bisa n'inyama yateguwe neza isukuye, ifite uruhu ruyitwikiriye, hafi yose, baba bashayaya ku ruhimbi imbere, birukanka hose ku ruhimbi, babyina, bafite amaherena anagana ku matwi, n'imwe muri ziriya nyogosho nshya z'imisatsi, umuderi w'umudamu wa perezida, nuko hanyuma bakita ibyo ubukristu.

Icyo bidusaba, ni idini nk'iyahozeho kera, yoherejwe n'Imana, izaba ifite umuriro, ikazatsemba, igatwika, iyi myifatire y'isi uko yakabaye y'itorero. Biradusaba kugaruka ku Mwuka wera no ku muriro, tukagaruka ku cyakuraho ubwandu bwose kibutwitse, ku cyagarura ikibwirizwa nk'uko cyahoze kera: guhindura Ijuru ikintu cyo hejuru, n'ikuzimu ikintu gitwika, kigororotse nk'umunwa w'imbunda. Ni ubwo bwoko bw'ikibwirizwa kidukwiriye. Ariko nimukore ibyo uyu munsi, kandi iteraniro ryanyu rizatora ukwirukanwa kwanyu.

43 Bijya bibaho ko ababwirizabutumwa beza bavanwa mu nzira igororotse (y'ukuri) n'iteraniro ryabo. Ni kubw'iyo mpamvu ntari mu idini iryo ariryo ryose. Mfite gusa icyicaro gikuru kimwe, kandi kiri mu Ijuru. Ahantu hose aho azanyohereza, nzagenda. Icyavuga cyose, ndakivuga. Ntabwo twifuza idini. Biramutse bibaye ko iri torero rivuga kuby'idini, mwaba mumaze kubura Umushumba wanyu, sinatinda muri ryo, ndetse nta n'iminota itanu. Amatorero yose yahindutse idini yasubiye inyuma, nimumbwire rimwe ryaba ritarabaye gutyo, kandi mumbwire rimwe ryaba na rimwe ryarabyutse. Ni Umwuka Wera woherejwe kugira ngo ayobore iteraniro, kandi ntabwo ari itsinda ry'abantu. Umwuka Wera ni umunyabwenge butarondoreka. Abantu bahinduka ab'amahame, abantu badafite icyo bitaho.

44 Imana yababwiye ko yajyaga kubohererereza Umuyobozi ko yajyaga kubayobora mu nzira. Kandi igihe cyose bakuriiraga iyo Nkingi y'umuriro, byose byagendaga neza. Yarabayoboye kugeza ku irembo ry'igihugu cyasezeranijwe, kandi aho, ntiyagombaga kujya kure cyane. Hanyuma Yosuwa, intwari y'umurwanyi, muribuka umunsi umwe, aho yababwiye, ati “Nimwiyeze, mu minsi itatu Imana Izakingura Yorodani aha, kandi tuzambuka!” None nimwitegereze neza icyo yavuze (nkunda ibyo), mu Byanditswe, Yaravuze, ati “Mugume hafi, inyuma y'isanduka (y'isezerano), kuko ntimwigeze na none munyura muri iyi nzira.”

45 Isanduka, ese yari iki? Ijambo. Ntimukurikire inzira y'idini ryanyu, none, mugume inyuma y'Ijambo, kubera ko mutigeze na none munyura muri iyi nzira. Kandi, Mwene Data, niba harigeze habaho igihe aho itorero rya gikristu ryakagombye kwisuzuma, rwose ni ubu. Turi mu gihe hagati aho iriya nama ikomeye yabereye i Roma, ubu ndetse, amavangura arimo gukorwa, ihuriro ry'amatorero, mu gihe arya madini yose ateraniye mu ihuriro, kubwo kurema igishushanyo cy'inyamanswa, neza neza nk'uko Bibiliya ibivuga. Kandi muzi ibyo navuze muri iki gitondo, mu Butumwa. Kandi dore niho turi, byose biri aho, biri hafi, ku rugi, kandi abantu bakomeje gukurikira inyigisho zahimbwe n'abantu. Muba mukoze neza mugumye inyuma y'Ijambo! Ijambo rizabayobora hakurya, kubera ko Ijambo ni Kirisito, kandi Kirisito ni Imana, kandi Imana ni Umwuka Wera.

Nimugume inyuma y'Ijambo! Oh, nibyo mugenzi wanjye! Nimugumane n'uwo Muyobozi! Mugume rwose inyuma Ye. Ntimumutange imbere, mugume inyuma Ye. Mumureke abayobore, bye kuba mwebwe mwamuyobora. Mumureke akore.

Yosuwa yaravuze, ati “None, ntimwigeze na none munyura muri iyi nzira, ntacyo muzi kuri iyi nzira.”

46 Nicyo kibazo, uyu munsi. Ntimukeneye Umuyobozi ngo abayobore mu nzira ngari. Oh, muzi utuyira twose kandi n'ibindi byose. Inzira y'icyaha, muyizi yose (kuva ku mpera kugeza ku yindi). Ntihari ho … Oh, ntabwo ari iby'ejo hashize ko muri muri yo. Nta muntu mukeneye kugira ngo ayibabwire, muzi iz'ubusamo zose. Niko biri, ibyaha byose, muzi byose kuri ibyo. Nta muntu ufite kubabwira uburyo bwo kwiba; murabizi, ibyo. Nta muntu ufite kubabwira uburyo mutuka Umwuka Wera (Imana): murabizi, ibyo. Nta muntu ufite kubabwira uburyo bwo gukora ibintu by'urukozasoni, kubera ko ibyapa byashyizwe ku biti byose, ahantu hose.

Ariko, mwibuke mwebwe abakristu, mwarambutse muri hakurya. Muri mu kindi Gihugu. Mwavutse ubwa kabiri (bundi bushya). Muri mu Gihugu, Igihugu cyo mu Ijuru. Muri mu Gihugu Cyasezeranijwe.

47 Mubasha kwitegereza, muzi kwirwanaho, hano. Oh, ibyo, nibyo. Muzi icyo - icyo, ikintu mwakora mu mukino runaka, w'amakarita. Muzi insoro (bakinisha igisoro), iyo zitembye, icyo bibasha kuvuga, n'ibiri

muri byo. Nyamara igihe ari ibyo kumenya ukwera, no gukiranuka, n'Imbaraga y'Imana, n'uburyo Umwuka Wera akoramo, n'icyo Akora, muba mukoze neza mugumye inyuma y'Ijambo, Umuyobozi, murabibona? Ntimwigeze na none na rimwe munyura muri iyo nzira.

None, muravuga, muti "Nahoze ndi umuntu w'umunyabwenge bihagije, nabonye - nabonye impamyabumenyi za kaminuza." Muba mukoze neza mwibagiwe ibyo. Nibyo mugenzi wanjye.

"Nize amashuri yanjye muri Seminari." Muba mukoze neza mwibagiwe ibyo. Nibyo. Muba mukoze neza kuguma inyuma y'Umuyobozi. Nimumureke Abayobore. Azi inzira; ntabwo ari mwebwe. Ntimwigeze namba munyura muri iyo nzira. "None," muravuga, muti "Bo ni byo."

Turebe niba barabikoze. Yesu yaravuze, ati "Abazanyura muri iyo nzira, dore ibimenyetso bizagendana nabo. Mu Izina ryanjye, bazirukana abadayimoni, bazavuga indimi nshya: nibafata inzoka cyangwa bakanywa ibinyobwa byica, ntacyo bizabatwara. Nibarambika ibiganza ku barwayi, abarwayi bazakira." Abenshi muri bo ntibemera ibyo, barabihakana, bavuga ko bitari ndetse iby'Umwuka (wera) . Ntibakurikira Umuyobozi. Bakurikira inyigisho yahimbwe n'umuntu. Muba mukoze neza mugumye inyuma y'Ijambo, kubera ko mutigeze munyura muri iyo nzira, murabizi.

48 Ariko mwabyawe ubwa kabiri, kandi mufite umugabane ku kwera kubw'uko kuvuka. Ntimwigeze namba munyura muri iyo nzira, mugomba kuyinyuramo mu kwera, kubera ko ni Igihugu gishya, Ubugingo bushya, Ubwoko bushya.

Muzajya mu itorero (mu rusengero) kandi muzumva umuntu ahagurutse nuko atere hejuru cyane ati " Ikuzo ribe iry'Imana! Haleluya!"

Nyamara muzavuga, muti "Ukugiraneza, ntibyakorwaga mu itorero ryanjye, ibi! Ngiye guhaguruka kandi nisohokere!" Murabona? Nimwitonde.

Mugume inyuma y'Ijambo, aha, mureke Umuyobozi abayobore. "Azabayobora mu Kuri kose, kandi abahishurire ibyo bintu byo Nababwiye. Azabibereka. Azamenyesha ibyenda kubaho," Umuyobozi nyakuri. Ntimukabaze musenyeri, nimubaze Umuyobozi. Ntimukabaze undi muntu utari Umuyobozi. Ni We woherejwe kugira ngo abayobore. Ni We uzabikora. Imana Yatanze Umuyobozi. Nimwakire uburyo bwatanzwe n'Imana.

Ikibazo uyu munsi, ni uko abantu, baza ku Itorero (urisengero), bakicaramo umwanya muto, nuko hakabaho ikintu runaka cyo batamenyereye.

49 Nashimye umudamu muto, uturuka mu itorero ryakonje, ryabaye iry'amahane, maze kumusengera. Imana igiye gukiza uwo mudamu muto. Ntiyari asobanukiwe ibi, ntacyo yari azi kuri ibi bintu byose. Yaraje, aravuga, ntabwo yari abizi. Ariko nari naramubwiye, nti "Uze undebe." Yari ameze nk'udashamadutse kandi atinya, ariko Umuyobozi yamusubiriragamo adatuza, ati "Komeza." Yarahageze. Ni ibyo. Murabibona, ni kubw' Umwuka Wera, Utuyobora kuri ibyo bintu. Murabibona, Imana ifite uburyo bwo yatanze.

50 Ese mwamaze kugira …Mwigeze mwitereza ibishuhe byo mugasozi binyura hejuru yacu, ibishuhe bijya mu majyepfo? None, nimwibuke, aho, uwo mwana w'igishuhe yavukiye ku kizenga cy'amazi ahantu runaka, aho hejuru mu mpinga. Ntabasha gutandukanya iburasirazuba n'amajyepfo. Icyo azi gusa, ni icyo kizenga cy'amazi kiri aho hejuru mu mpinga z'imisozi ya Canada. Ntityigeze na rimwe ava kuri icyo kigezi cy'amazi, nyamara uhereye mu kuvuka kwe yari umutware. Uwo mwana w'igishuhe w'ikigabo aho yavutse kugira ngo abe Umutware. Igihe runaka; ijoro rimwe, hariho ukugwa gukomeye kw'amasimbi ku mpinga y'imisozi. Ese habaho iki? Ako kayaga gakonje, gahuha kamanuka aho. Mbasha kubitekereza, gahindisha sakadege, aravuga, ati "Ese birashaka kuvuga iki, mama?" Murabibona, ntiyigeze na rimwe yumva imbeho. Atangira kwitegereza hafi ye, atangira kwitegereza impande y'ikizenga cy'amazi, gitangira guhinduka nk'urubura, ikibuye cy'urubura cyirema hejuru y'ikizenga cy'amazi. Ntiyari abizi, nyamara mu mwanya muto … Yavukiye kuba umuyobozi w'iryo tsinda ry'ibishuhe. Azasimbukira mu kizenga hagati, igihe ibyo bizamufata. Mubasha kwita ibyo uko mushaka. Twebwe, twita ibyo ugusigwa, cyangwa mwebwe mubasha kubyita, oh! Ugusunikwa gusanzwe k'umubiri karemano, gusa icyo ibyo byabasha kuba cyo. Kizirukankira hagati y'ikizenga cy'amazi nuko, n'umunwa wacyo muto mu kirere, kizatangira gutera urusaku kiti "Kwe - kwe! Kwe - kwe!" Nuko ibishuhe byose by'ikizenga bizaza uwo mwanya kuri cyo. Kubera iki? Bimenya umutware wabyo. Nta kindi usibye kwe - kwe ya cyo.

51 "Niba impanda ivuza ijwi ridasobanutse, ninde ubasha kwambarira (kwitegurira) urugamba? Niko biri. Ninde Wabasha kwambarira urugamba, niba impanda ivuza ijwi ridasobanutse?

None, niba uwo mwana w'igishuhe avuga kwe - kwe idasobanutse, ni ikihe kizitegura kuguruka kubwo kugenda? Uwo mwana w'igishuhe, n'umunwa we muto mu kirere, aha, azatera urusaku rwe, ati "Kwe - kwe! Kwe - kwe! Kandi ibishuhe byose bito bizaza kuri we. "Kwe - kwe!" Kwe - kwe!" Dore ngibyo biraje. Bizagira rwose Yubile, hagati y'icyo kizenga, aho, kandi bizazenguruka, kandi bizazenguruka, kandi bizazenguruka. Nyuma y'umwanya muto, yumva ikintu runaka muri we gikora, ni ngombwa ko agenda.

Azatanda amababa Ye kandi aguruke ave kuri icyo kizenga (icyuzi), azamuke mu birere nuko azazenguruka akora uruziga inshuro eshatu cyangwa enye, agenda ku murongo ugororotse uko ashoboye yerekeje i Louisiane, ibishuhe byose inyuma ye. "Kwe - kwe! Kwe - kwe!" Dore ng'uwo. Kubera iki? Ni Umuyobozi! Amina! (ibishuhe bimenya umutware wabyo, itorero ashwi. Nibyo, uwo mwana w'igishuhe w'umutware azi icyo akora.

52 Mwitegereze biriya bishuhe bikuze, bituruka aho muri Alaska. Nyamara, haba hari igishuhe cy'ikigabo buri gihe kibiyoboye, kandi ibyo bishuhe bigomba kwitegerezanya ubushishozi igishuhe cy'ikigabo. Bigomba kumenya icyo igishuhe cy'ikigabo kivuga. Mwasomye ibyo, mu kinyamakuru Look , hashize hafi imyaka ine, hari hari igishuhe cy'ikigabo gikuze, igihe kimwe, kitari kizi icyo cyakoraga, nuko cyayoboye itsinda ry'ibishuhe kugera mu Bwongereza! Niko biri. Ntibari barigeze kubibona na rimwe mbere. Kubera iki? Ntibyari byitegereje u - umutware wabyo. Icyo gishuhe cy'ikigabo gikuze nticyari kizi aho cyajyaga. Kandi none biri hariya, kandi ntibibasha kugaruka.

53 Ni ibyo bibaho kuri ibyo bishuhe byinshi, uyu munsi, bigendera mu matsinda. Baravuga, ikinyamakuru Look kivuga ko ibyo bishuhe bigendera mu matsinda biguruka ahantu hose hejuru y'Ubwongereza, ariko ntibizi uko byaguruka. Nicyo kimwe n'ibishuhe bimwe byo nzi. Mwirema amatsinda, amateraniro manini y'Ububyutse, murarikira Umubwirizabutumwa w'ububyutse kuza kubwiriza umwanya muto, nyamara ntimuzi aho mujya. Mugenda muzenguruka, muzenguruka, kubera y'uko mufite ubwoko bw'igishuhe cy'ikigabo kibayoboye mu munega wa kidini, aho kubagarura ku Ijambo ry'Imana, kubagarura ku Mubatizo w'Umwuka Wera. Kandi hanyuma, tukibaza impamvu tudafite ububyutse mu gihe turimo. Murabona? Mugomba kugira iryo jwi ry' umwihariko! Iryo jwi, ni impanda y'Ubutumwa bwiza, itangaza Ubutumwa bwiza n'ijwi rirenga, buri Jambo ry'Imana. Atari inyigisho yahimbwe n'umuntu yo kwizerwa, atari idini, ahubwo Bibiliya, Umwuka Wera. "Dore ibimenyetso bizagendana n'abizera." Murabibona? Kandi dore ngabo baragenda mu muhanda.

54 Igishuhe cy'ikigabo gikuze, igihe, bavuga ko itsinda ryose ryapfuye kubera cyo, cyari cyabijyanye hamwe nacyo mu kugerageza kuguruka mu mwijima w'icuraburindi, nticyari kizi aho cyajyaga ubwacyo, nuko byagonze imisozi, aho, kandi bimwe byagurutse ari ibisenzegeri (ari ibice) byarakonyaguritse. Nibyo rwose! Bagomba kumenya iryo jwi kuri bo ridasanzwe. Uwo mwana w'igishuhe, niba afite iryo jwi ry'umwihariko, kandi byose bikaba birizi, bigira Yubile (igihe cy'umunezero) igihe biteraniye hamwe bikoze agatsiko, kandi dore ngibyo biragiye byerekeje mu majyepfo. Kubera iyihe mpamvu bimanutse aho ngaho, ntihakonje.

Ariko, niba Imana yarahaye igishuhe ubwenge, ubuyobozi buhagije bwo kumenya guhunga imbeho, ni buryo ki yakagombye kubuha Itorero? Niba igishuhe kibasha gukora ibyo kubwo ugusunikwa kuzira ubwenge karemano, bimeze bite ku Mwuka wera mu Itorero? Yakagombye kutuyobora kure y'amahame yakera, n'inyigisho zahimbwe n'abantu zo kwizerwa, n'ibintu byose, kugeza mu mubatizo w'ikuzo kandi uhebuje w'Umwuka Wera. Nicyo kibyara imbaraga, ukumenya, ukwihangana, ukwera, n'Umwuka Wera. Ni kuri ibyo Umuyobozi nyakuri azayoboraho(abantu). Kubera ko ntakizasohoka mu kanwa ke kindi kitari Ubutumwa bwiza, kitari Ijambo ry'Imana. Ntagushidikanya, mukeneye Umuyobozi!

55 Igihe abanyabwenge … ntacyo bari bazi ku Mana. Bari - bari abantu bakoraga ubukonikoni, abakonikoni. Bari bari aho, iburasirazuba. Murabizi, Bibiliya iravuga, iti "Twabonye inyenyeri Ye mu burasirazuba, twazanywe no kumuramya." Bari bari iburengerazuba, bitegereje berekeje amaso yabo iburasirazuba, nuko babona Inyenyeri Ye … cyangwa, bitegereje berekeje amaso Iburengerazuba, bari bari Iburasirazuba. Twari turi Iburasirazuba, nuko tubona Inyenyeri Ye Iburengerazuba. Murabibona? "Twabonye Inyenyeri Ye mu Burasirazuba." Kandi, murebe, bari bari Iburasirazuba. "Igihe twari turi Iburasirazuba, twabonye Inyenyeri, none twazanywe no kumuramya."

56 Mbasha kwibaza, kubona abo bantu bitegura kugenda. Mbasha kwibaza umwe mu badamu wamubwira, wavuga, ati "Vuga rero, wafunze imitwaro yawe yose, ariko indangacyerekezo yawe iri hehe?"

Yaravuze, ati "Njyewe, sindibwifashishe indangacyerekezo iyi nshuro."

Yaravuze, ati " Ni buryo ki uri bukore kugira ngo ugere hakurya y'imisozi? Muribuka, byari ngombwa ko bambuka (uruzi) rwa Tigre kandi ko bambuka ibibaya, mu magambo make, bari bagiye gukora urugendo rw'imyaka ibiri ku mugongo w'ingamiya. Ni buryo ki bajyaga kugera yo? Yaravuze, ati "None, ntujyanye ndetse n'indangacyerekezo."

Yaravuze, ati "Oya.

Uzagenda gute?

Nzagenda kubw'uburyo bwatanzwe n'Imana. Iriya Nyenyeri, hariya, izanyobora kuri uwo Mwami," nibyo.

"Twabonye Inyenyeri Iburasirazuba, kandi twayikurikiye kugera hano mu Burengerazuba, kugira ngo

tuze kumuramya ari hehe?” Bakurikiye uburyo bwashyizweho n'Imana. Bakererewe igihe gito, kubwo ikirundo cy'inyigisho zahimbwe n'abantu zo kwizerwa, aho: binjiye i Yerusalemu, nuko batangira kuzamuka no kumanuka umuhanda, abo bantu n'imyambaro yabo myiza, kandi baravuga, bati “Ari hehe? Ari hehe Umwami w'Abayuda wavutse?” None, wari umurwa mukuru, uwo, wari Yerusalemu. Ntagushidikanya ko Itorero rikomeye ryajyaga kuba ribizi. “ Ari hehe? Ari hehe Umwami w'Abayuda wavutse? Twabonye Inyenyeri Ye Iburasirazuba, twazanywe no kumuramya. Ari hehe?”

Nyamara, bagiye kubaza umuyobozi w'idini (Umushumba) runaka n'umutambyi mukuru runaka, nta n'umwe muri bo wari ubizi. “ Nyamara, yavutse, ni We Mwami w'Abayuda, ari hehe?” Ntibari babizi.

57 Nyamara, hari hari itsinda ry'abungeri, aho, ku rubavu rw'umusozi, bari mu munezero ukomeye uko bishoboka, ni byo mugenzi wanjye,“ Kubera ko bari baje bakurikiye uburyo bwari bwaratanzwe n'Imana.

Nuko, bagumye aho, nuko mu mwanya muto, yaravuze, ati “Ngiye kubabwira icyo mwakagombye gukora, twakagombye guteranya inama.” Baterenije rero inama nkuru, nuko - nuko bibazaga, niba baba barabyumvise bivugwa. “Oya, ntacyo tubiziho.”

Nicyo kimwe n'uyu munsi. Ntacyo bazi kuri uwo Muyobozi, ko ari uwo Mwuka wera, ukiza indwara, wuzura abantu, utanga agakiza, Uzagaruka. Umuyobozi watumenyesheje ibi bintu byose byabayeho, kandi turi mu muri wo imbere. Uwurondora ibitekerezo byo mu mutima, ntacyo babiziho, bita ibyo ubuhanga bwo kurondora intekerezo z'abantu cyangwa ikindi kintu ntibazi, icyo babivugaho.

58 Nuko, murabona, bariya banyabwenge, igihe cyose … Mwibuke, igihe binjiye i Yerusalemu, Inyenyeri yarabuze. Kandi igihe cyose muziyegurira inyigisho zahimbwe n'abantu b'amadini ngo babayobore ku Mana, ubutabazi (ubufasha) bw'Imana buzatandukana nawe. Nyamara igihe bari babufite hejuru yabo bw'ibyo byose, kandi bakabishyira ku ruhande, bagashyira ku ruhande inyigisho n'amadini by'Abayuda, kandi bagasohoka muri Yerusalemu, rero inyenyeri yongeye kuboneka, nuko bafatwa (bagira) umunezero mwinshi cyane. Bongera kubona Umuyobozi! Oh, icyo ibyo bikora, kwisanga mu Itorero rikuze ryakonje kandi ry'amahame, nuko hanyuma mukagaruka ku Itorero rizima (ryiza) rifite umuriro, mukagira ubuyobozi bw'Umuyobozi, ibyo bigira itandukaniro! Nibyo, “Twabonye Inyenyeri Ye Iburasirazuba, nuko twazanwe no kumuramya.”

59 Yosuwa yarababwiye, ati “None nimukurikire isanduka, kubera ko mutigeze munyura muri iyi nzira.” Imana ntizemera ko iyi sanduka izajya ahandi hatari mu inzira iboneye (nziza). Bose barayikurikiye, kandi dore yambutse Yorodani.

Nicyo kimwe uyu munsi, kubw'Umwka wera. Nibyo mugenzi wanjye. Uburyo bumwe kuri twe bwo kumenya niba ari Umwuka Wera cyangwa atari wo, tureba ukwiga … tureba ukwigaragaza, ukwigaragaza guhamiriza Ijambo ry'Imana.

60 Ntagihe gishize, hariya, itsinda rya Benedata (bo mu idini) bari bafite amaraso n'amavuta, none, biri mu murongo, niba ari gutyo bifuza gukora. Njyewe … Mu gitekerezo cyanjye, ntabwo ari igihamya, ibyo. Ni ngombwa igihamya ukoresheje Ibyanditswe, murabibona. Gusa ibyo bihamanya n'icyo Imana yavuze, biri mu murongo (biratunganye). Baravuga, bati “Ni kubw'ibyo mufite Umwuka Wera, ni ukubera ko mwari mufite amavuta mu ntoki.” Nyamara, ibyo, njyewe - simbasha kubyumva. Murabibona? Oya, sinizera ko amavuta afite icyo aricyo cyose abifiteho, kandi niba ayo maraso azakiza indwara, kandi agatanga agakiza, byaba bimeze bite ku Maraso ya Yesu Kirisito? Niba ayo mavuta akiza uburwayi bimeze bite iby'inguma ze? Murabibona? Murabibona?

Nkunda iyo ari Umuyobozi uje, akaba ayobora ku kuri ku Ijambo; icyo gihe mumenya ko mwerekeje mudakebakebaba kuntego, kandi ko muri hafi yo gusubiza amaso inyuma kubwo kureba ibyakozwe. Niko biri, mwitegura kuguruka. Nibyo mugenzi wanjye. Nibyo, kubera iki? Umuyobozi ni We uhindura ikintu igifatika (cy'ukuri).

61 Mfite igice cy'Ibyanditswe aha, nari natanze ibyo bice by'Ibyanditswe, ariko ndifuza gusoma iki ngiki ni II Petero igice cya 1 umurongo wa 21

Kuko ari nta Buhanuzi bwazanwe n'ubushake bw'umuntu, ahubwo abantu bavugaga b'Imana (bera) bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n'Umwuka w'Imana.

Ni gute Ubuhanuzi bwaje? Ntabwo ari kubw'ubushake bw'umuntu, inyigisho zahimbwe (z'amadini) za kidini; ahubwo kubw'ubushake bw'Imana, igihe abantu bera (b'Imana) basunitswe n'Umwuka Wera. Yabaye igihe cyose Umuyobozi w'Imana. Wari Umwuka Wera wari uri muri iriya Nkingi y'umuriro, yari Umwuka Wera! Buri wese aziko yari Kirisito. Mose yavuye muri Egiputa, yitegereje gukorwa n'isoni kwa Kirisito nk'ubutunzi bukomeye cyane kuruta ubutunzi bwo muri Egiputa. Yari Kirisito. None, igihe bari bari aho bavuga, bati “None, uravuga ko uri … nyamara, nturengeje imyaka mirongo itanu, kandi uravuga ko wabonye Aburahamu?”

Yaravuze, ati “Mbere y'uko Aburahamu abaho NDIHO.” NDIHO niwe wahuye na Mose mu Nkingi

y'Umuriro mu gihuru cyaka umuriro. Ni byo mugenzi wanjye. Yari Imana yambaye umubiri. Ntabwo ari umuntu wa gatatu; umuntu umwe mu murimo (umwanya) utandukanye. Ntabwo ari Imana eshatu; imirimo (imyanya) itatu y'Imana imwe. Niko biri neza neza.

62 None, rero, Ibyanditswe; buri gihe cyose iyo Imana Itenze, Itanga kubera ko hariho icyiza kiruse ho. Igihe Imanan yatanze uburyo bwo gukomeza Itorero ryayo, Yaburihaye kubera ko hari hariho icyiza kiruse ho. Igihe Imana yahaye Adamu na Eva, mu busitani bwa Edeni, icyo yabahaye, ni Ijambo ryayo. "Mugume inyuma y'iryo Jambo, kandi aho muba muri mu bwihisho ariko iyo muhasohotse, umunsi muzakiryaho, uwo munsi muzapfa." Imana ntiyigeze na rimwe ihindura imikorere yayo (uburyo bwo gukora). Kandi satani ntiyigeze na rimwe ihindura iyayo, uburyo yakoresheje kugira ngo yinjire muri Adamu na Eva, ni gutyo yinjira mu bantu uyu munsi. Gutyo? Ashaka guha ibisobanuro ikintu. "Tugende, birumvikana ko dutekereza ko Imana itajyaga gukora ibyo. Oh! Imana yaravuze » "Satani yaravuze, ati "Ariko ntagushidikanya ko Imana yera Itazakora ibyo." Ntagushidikanya ko Izabikora, kubera ko yavuze ko Izabikora!

63 Kandi nibyo abantu bavuga uyu munsi, bati « Oh, tegereza umwanya muto, aho! Ntiwizera muby'ukuri ko niba njya ku Itorero kandi ngatanga icyacumi cyanjye, kandi nkakora ibi, biriya, Imana ntiyayemera? Keretse mubyawe ubwa kabiri (bundi bushya), umuntu ntiyabasha ndetse gusobanukirwa Ubwami bw'Imana! Murabona? Ntarwitwazo! "None, umutindi wo kubabarirwa ukuze, umutindikazi wo kubabarirwa ukuze ni umuntu w'umurava (w'intwari)." Uburyo bumw rukumbi babasha kubonamo Imana, ni mukuvuka ubwa kabiri (bundi bushya). Ni ibyo uko baba bari kose, baba ari bato, baba bakuze, baba ari urubyiruko, ibyo baba bakoze byose, uburyo bajya ku Itorero kose, ingano y'amadini baba baragiyemo, ingano y'inyigisho zahimbwe n'abantu babasha kugenda basubiramo. Mugomba kuvuka ubwa kabiri, bitabaye ibyo, nti muba muri ndetse ku rufatiro; kubwo gutangira. Niko biri rwose.

64 Rero, murabibona, mukeneye Umuyobozi. Azabayobora ku Kuri, kandi Ukuri ni Ijambo. Azabayobora. Kandi ni uko buri gihe byahoze. Imana ntiyigeze na rimwe igira icyo aricyo cyose Yahindura, kubera ko Idafite itangiriro n'iherezo, kandi Imenya igikwiriye. Iba hose, Imenya byose. Ni - ni byose. Niko biri, ni cyo Imana ari Cyo, rero ntifite icyo Yahindura. Ni byiza.

Ni Yo Ihamiriza (Yemeza) inzira Ibayoboramo. Umwuka Wera, Umuyobozi, ni We uhamiriza Ijambo ndetse Yigisha. Nyamara, Luka yayobowe n'Umuyobozi mu kuvuga, ati « Mujye mu isi hose, mubwirize Ubutumwa bwiza ibyaremwe byose. Uzizera kandi akabatizwa azakizwa, utazizera azagibwaho n'urubanza. Dore ibimenyetso bigendana n'abizera ngibi: Mu Izina Ryanjye, bazirukana abadayimoni, bazavuga indimi nshya, bazafata inzoka, bazanywa ibinyobwa byica, bazarambika ibiganza ku barwayi, kandi abarwayi bazakira. » Kandi Bibiliya ivuga ko « Bagiye ahantu hose, » bayobowe n'Umuyobozi, murabizi, « Babwirizaga Ijambo, n'ibimenyetso byariherekezaga. » Ese byari ibiki? Umuyobozi wahamyaga ko byari ukuri !

65 Wari umurongo w'imikorere y'Imana. Nibyo byari byashizweho. Ni aho gahunda yayo ; ntibasha kuyihindura, kubera ko Idafite itangiriro n'iherezo. Amina. Ntibasha kuyihindura; ni Imana. Njyewe mbasha guhinduka, ndi umuntu. Mwebwe, mubasha guhinduka, muri umugabo cyangwa umugore. Ariko Imana ntibasha guhinduka. Mfite aho ngarukira; mbasha gukora amakosa no kuvuga ibintu bidakwiriye, turabishobora twese. Ariko Imana ntibasha kubikora, kandi ngo Ibe Imana. Icyemezo cyayo cya mbere kiratunganye (ntigifite amakemwa). Uburyo Imana ikora igihe yinjiye mu gikorwa, ni muri ubwo buryo Igomba gukoramo buri gihe. Iyo Biyisabye kwinjira mu gikorwa kubwo gukiza umunyabyaha. Izamukiza Ishingiye ku kintu kimwe. Inshuro ikurikiraho igihe umunyabyaha azaza (azagaragara), Izagomba gukora ku buryo bumwe, bitabaye ibyo ntiyakabaye Yarakoze uko bikwiriye ku nshuro ya mbere. Amina. Ndamukunda. Nziko ari Ukuri.

66 Mfite imyaka mirongo itatu n'itatu, hashize imyaka mirongo itatu n'itatu n'igice mbwiriza Ubutumwa bwiza, aha, nta nshuro n'imwe nabonye Ibyo biteba (binanirwa kubaho). Nabibonye bigeragezwa impande zose z'isi, inshuro indwi, hagati y'amadini y'ubwoko bwose n'ibindi byose, imbere y'icya kabiri cya miliyoni y'abantu, ndetse, igihe runaka, kandi nta na rimwe Ibyo byananiwe (gusohora). Simvuga ibyo nasomye mu gitabo, ndavuga ibyambayeho ubwanjye, nziko Imana Ishyigikira Ijambo ryayo kandi ko Iryubaha. None, niba ari ubwoko bw'inyigisho yahimbwe n'umuntu mufite, byaba byiza mubaye mwitonze, aho. Nyamara Umwuka Wera azashyigikira Ijambo ry'Imana.

Muri Yohana, igice cya 1, n'umurongo wa 1, yaravuze, ati « Ni Ijambo. Ni Umuyobozi. Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo Yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana. Nuko Jambo yabaye umuntu, kandi Atura muri twe." Oh !

67 Petero yayobowe kuvuga, mu Byakozwe n'Intumwa 2:38, uburyo bwo kwakira Umwuka Wera; yaravuze, ati "Mwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Kirisito kugira ngo mubababarirwe ibyaha byanyu, ukwinangira (kutizera) kwanyu, ko kuba mutarizeye ibi bintu. Nimwihane, hanyuma mubatizwe, kandi hanyuma Umuyobozi azabitaho kubwo urugendo rusigaye. Murabibona, ni inshingano yanyu. Ni inshingano yanyu yo kwihana. Ni inshingano yanyu yo kubatizwa. Hanyuma

n'inshingano y'Umuyobozi yo kubitaho mu rugendo rusigaye, kubayobora uhereye ku mbaraga ukageza ku kumenya, ku kwirinda, ku kwihangana, ku kwera, no kurukundo rwa kivandimwe, kandi Umwuka Wera abashyireho ikimenyetso. Murabona? Rero mugeze ku kigero cyuzuye cy'Imana, umugabo nyakuri w'Imana, umudamu nyakuri w'Imana, utewe neza muri Kirisito. Nkunda ibyo : Utewe neza muri Kirisito.

68 Nibyo, Mariko yayobowe n'Umwuka Wera, yaranditse Mariko ibice 16, nibyo rwose.

Yohana yarayobowe, igihe yanditse Ibyahishuwe. Yayobowe n'Umuyobozi. Yayobowe na none n'Umuyobozi, mu kuvuga, ati "Uwo ariwe wese uzagabanyaho Ijambo rimwe, cyangwa akongera ho Ijambo rimwe, uwo nguwo azakurwaho, umugabane we, mu Gitabo cy'Ubugingo."

None, ni buryo ki mugiye gusimbuza ikintu runaka Ijambo ry'Imana, mugakomeza kuvuga ko muyobowe n'Umwuka Wera? Ntibihagarara (ntibifata), siko biri? Oya mugenzi wanjye ntibibaho.

69 Yambereye Umuyobozi, ubuzima bwanjye bwose. Yaranyoboye kugeza ku Bugingo. Ni we Wanyoboye kugera ku Bugingo; kandi ni We Bugingo bwanjye. Adahari simfite Ubugingo. Adahari, nta kindi nifuza. Ni We byose. Byose kuri njye muri byose. Mu gihe cyanjye kigoye, Arankomeza. Ejo hashize yampaye umugisha, uyu munsi bakoze ku buryo bumwe. Ni iki nabasha gutinya? Ku kintu kimwe, ibihe byose, Ikuzo ribe iry'Izina Rye! Amina. Nibyo mugenzi wanjye. Yarabisezeranije. Azabikora. Niwe Bugingo bwanjye, ni Umuyobozi wanjye, Byose muri Byose. Namugiriye icyizere. Nanyuze mu bigeragezo bikomeye. Mufitiye icyizere, aho njya hose. Ndifuza ko mukora mutyo. Niba mugiye kumesa imyenda yanyu, mwebwe, abadamu, mumugirirre icyizere. Niba mugiye mu mugi, mumugirire icyizere.

70 Igihe kimwe nageze aho ntekereza ko niyizera bihagije nk'umuntu w'amashyamba, murabizi, kubera ko nahize cyane. Naratekereje nti "Nanyuze muby'ukuri mu bigeragezo byose, nta muntu … Ntibishoboka ko nayoba. Mama wanjye yari icyakabiri cy'umuhindekazi (wo muri Amerika), kandi nakundaga ibyo. Oh! Ra ra! Ntibishoboka ko nayobera mu mashyamba, mba nzi aho mperereye."

Nuko … Kubw'ukwezi kwanjye kwa buki, najijishije gato umudamu wanjye, naramubwiye, nti "Urabizi, mukunzi, byakabaye byiza dushakanye itariki makumyabiri n'eshatu Ukwakira." Mubigaragara (mu buryo bugaragara), ni iyo taliki Umwami yari yarambwiye kubikoreraho.

Nuko naribwiye, nti "None, nk'ukwezi kugufi kwa buki, nashyize amafaranga ku ruhande, nari ngiye kuzamujyana kureba Niagara Falls (isumo rya Niagara), kandi najyaga kujya muri Adirondacks guhiga igihe gito." Murabibona? Rero naramujyanye we na Billy, kari akana gato cyane. Nuko, nagombaga kumujyana mu kwezi kwa buki, kandi bwari ubutembere bw'umuhigo, na none, murabizi. Rero - rero nibwiye ko byaba byiza nkoze ntyo, nuko namujyanye aho, kandi …

71 Nandikiye Bwana Denton, umurinzi w'ishyamba. Twagombaga kujya ku musozi Hurricane. Naravuze, nti "Bwana Denton, ngiye kujya hariya, ndifuza guhiga idubu hamwe nawe muri uyu umuhindo."

Yaravuze, ati "Nibyo, Billy, uze."Rero, yaravuze, ati "Nzaba ndi aho undi munsi." None, njye n'umudamu wanjye, twaje umunsi umwe mbere y'aho, na Billy, rero, akazu (kacumbikwaga mo mu ishyamba) kari gafunze kadadiye: kandi hari hari akazu gato kure cyane mu biti.

Niho njye na Mwene Data Fred Sothman twagiye nta gihe gishize, twari turi aho. Umwuka Wera, narawubonye. Yari ari aho. Uwo mucyo w'umuhondo wagendagendaga mu bihuru, kandi Fred yari ari aho. Yaravuze, ati "Ngwino hano, ku ruhande, ndifuza kuvugana na We. Bukeye bw'aho Yaravuze, ati "Itonde, baguteze umutego." Yaravuze, ati "Ube maso!" Si ukuri, Mwene Data Fred? Naragiye, kandi nabibwiye amajana y'abantu kuri uwo mugoroba, aho i Vermont, naravuze, nti "Banteze umutego; ngiye kureba ibyo ari byo. Naravuze, nti "Dore umutego banteze." Nibyo mugenzi wanjye. Nyamara Umwuka Wera yaranyoboye, yanyeretse icyo gukora. Kandi oh! Ra ra! Byari neza neza byari ibya ngombwa (bikenewe)! Oh, benshi muri mwe bazi ibyo ari byo. Simfite igihe cyo kubirondora.

72 Ariko twari turi aho, icyo gihe, kandi hari hatangiye gukonja uwo munsi. Bwana Denton yari agiye kuza umunsi ukurikiyeho. Naravuze, nti "Urabizi, mukunzi, byaba byiza ndamutse nsubiye imuhira njyanye ifumberi nini." Naravuze, nti "Twebwe …" Byansabye kuzigama udufaranga twanjye, kandi tumaze gushakana. Nuko naravuze, nti "Tuzaba dufite inyama zacu z'igihe cy'ubukonje, niba nakoraga igihe gito umuhigo uyu munsi."

Yaravuze, ati "None, jyayo, Billy." Yaravuze, ati "None, ntiwibagirwe, sinigeze na rimwe nza hano mu mashyamba," yarabivuze. Yari ari hafi nko kuri mayilo makumyabiri n'eshanu [km 40 - N.D.T], aho mu misozi, murabizi, rero yaravuze, ati "Siniyizeye rwose."

Yaravuze, ati "Rero njyewe …"

73 Naravuze, nti "None, uribuka, hariya, hashize imyaka ibiri, nishe zadubu eshatu. Byari rwose mu rundi ruhande rw'umusozi hariya." Nuko naravuze, nti "None, ngiye gufata ifumberi nini, kandi tugiye kubona idubu," kandi naravuze, nti "Tuzabona inyama zacu z'igihe cy'ubukonje." Nuko, byumvikanaga neza

bihagije, ibyo, murabizi. (Twari twasoromye imbuto z'imikeri, kandi twari twishakiye inkwi twari dukeneye kubw'icyo - kubw'icyo gihe cy'ubukonje; rero, ni Billy wazicuruzaga, kandi njyewe na Meda, twazisoromaga nimugoroba nyuma yo kugenzura umuhigo kwanjye.) Kandi, rero, njyewe - naravuze, nti "None, ngiye gufata imbunda yanjye, ngiye kumanuka aha." Naravuze, nti "Hari ifumberi nyinshi muri kariya gace ngiye yo gushaka imwe." Nuko naravuze, nti "Urabizi," naravuze, nti "Kandi ngiye kuyifata." Kandi naravuze, nti "Tugiye … sindi butinde kugaruka."

Yaravuze, ati " Nibyo."

74 Rero, igihe nagiye, hari habuditse bihagije. Kandi ab'i New Hampshire, n'aba hariya muri Nowelle - Angleterre, muzi icyo bishaka kuvuga igihe igihu kimanutse aho, cyangwa aho ariho hose mu misozi, ntuba ukimenye aho uri, nibyo rwose. Ntawubona ndetse ikiganza cye imbere ye. Kandi rero, mu kumanuka, nambukiranije ahantu hatoya hatari ishyamba, naramanutse, nambukiranya mu rundi ruhande rw'igisozi kirekire, ndongera ndazamuka. Nabonye igisamagwe, ni gutyo mubyita muri ako karere. Mu burengerazuba, bita ibyo igitarangwe, hariya bita ibyo intare yo kumusozi. Ni inyamanswa imwe. Mu kuri, icyo ari cyo, ni igitarangwe (Puma). Ni iyo inyamanswa yo mu bwoko bw'injangwe (Felin), ifite hafi metero ebyiri na santimetero mirongo irindwi n'eshanu [m 2.75 - N.D.T] z'uburebure, ipima hafi hagati y'ibiro mirongo itandatu n'umunani na mirongo icyenda [kg 68 - 90]. Yambukiranya umuhanda, nuko nasohoye imbunda yanjye bwangu nyamara, nyamara atari vuba bihagije ngo mbashe kuyirasa.

75 Nuko, nazamutse agasozi, ngenda runono, nkurikiye icyo gitarangwe, nitegereza amababi kugira ngo ndebe aho cyari cyanyuze, murabizi. Naracyumvaga. Cyari gifite amaguru ane. Nari nzi ko itari inyamanswa y'amaguru abiri, yari ifite ane. Kandi nari nziko atari ifumberi, kubera ko ifumberi igenda itsindagira ubutaka. Kandi yagendaga yomboka, iyo " Felin" (inyamanswa nini yo mu bwoko bw'injangwe yo mu ishyamba.) Murabizi, gutya. Idubu, yo, igenda ikurura amajanja yayo ku butaka. Rero, nari nziko cyari rwose igitarangwe. Cyari kiri inyuma y'ingiga y'igiti ku butaka, kandi sinari nakibonye, uwo mwanya rwose narakirabutswe, nuko ako kanya kiragenda.

Nitegerezaga ukuntu kigizagayo amababi, murabizi, ku mpinga y'umusozi, kandi mu kumanuka, gutya, sinitaga kuri icyo gicu cyamanukaga buri mwanya, murabizi, cyaramanukaga igihu. Namanutse buhoro buhoro, nambuka ikibaya kinini, nuko ninjiye mu ishyamba ry'Ibinyabubasha, nkurikiye cya gitarangwe. Naribwiraga, nti "Ngiye gusoza nyifashe." Nabonaga ahantu, nazamukaga ahirengeye, kandi nitegerezaga ahantu hose, gutya, nakubitaga ijisho ribangutse, kugira ngo ndebe niba nabasha kukibona; nategaga ugutwi ntuje cyane, hanyuma, naramanukaga, narongeye ndamanuka, bwombo. Humvikanaga ukuvunagurika kw'ibihuru, rwose imbere yanjye, cyarasohokaga. Murabibona, aha, cyari cyageze mu biti, icyo gihe sinabashaga namba gukurikira inkora yacyo. Murabibona, cyari gifite amayeri cyane (yo gucika imitego), aho cyuriraga ibiti, kandi cyasimbukaga kiva mu giti kigwa mu kindi. Cyari kizi ko aho ntabasha namba gukurikira inkora yacyo. Oh! Naribwiye, nti "Oh! Ntacyo bitwaye!"

76 Rero natangiye kuzamuka mu mukoki, kandi nareshye impumuro y'idubu, idubu y'ingabo ikuze. Naribwiye, nti "Aha, yo, ngiye kuyifata, oh, ibyo, ni byiza!" Narongeye ndeha impumuro bundi bushya, nuko nigiye imbere na none buhoro, nitegerezanyaga ubushishozi, nitegerezaga akamenyetso k'ubwoko ubwo ari bwo bwose, n'ikindi cyose. Ntacyo nabonaga rwose; narahindukiye kubwo kongera kumanuka, nagarutse ku rundi ruhande rw'umusozi. Ni aho natangiye kwitegereza, hari hari igihu gikeya. Nuko nongeye kureha impumuro yayo yari iri ahantu runaka, mu kirere. Naravuze, nti "Oya. Aha, icyabayeho, ni uko umuyaga waturukaga muri iki cyerekezo, kandi impumuro y'idubu yaturukaga hariya, muri kiriya cyerekezo, kandi none kuko nambukiye muri ruriya ruhande, umuyaga uturuka mu kindi cyerekezo, aha. Nuko, ni ngombwa ko nsubira aho numviye impumuro y'iriya dubu ku nshuro ya mbere, kandi ko nagenda nturutse aho."

77 Nuko mu kuhagaruka nitegereje ku rundi ruhande rw'umukoki mbona ibihuru binyeganyega. Nuko icyo gihe, ikintu cy'umukara cyarinyeganyeje. Naribwiye nti "Ngiriya." Nakokeye imbunda yanjye bwangu, kandi nagumye ntanyeganyega. Kandi, aho, yari imfizi y'ifumberi nini y'agasozi. Naribwiye nti "Nicyo nifuzaga rwose, nyamara, nishe iyo fumberi.

Naribwiye nti "None!" Sinari nabonye rwose ko byari buhoro … Igihe nashoje kuyitunganya, naritegereje … nihanaguye ibiganza (intoki), mpanagura umushyo wanjye, nywusubiza mu mwanya wawo. Nuko naribwiye nti "Ikuzo ribe iry'Imana!" Urakoze, Mwami Yesu, Wampaye inyama yanjye kubw'igihe cy'ubukonje. Imana Ishimwe!" Nafashe imbunda yanjye. Naribwiye nti " Ngiye aka kanya kongera kuzamuka aha, mu mukoki." Naravuze, nti "Ndebera kandi ibi, ibyanjye, hagiye kubaho inkubi y'umuyaga. Ndaba nkoze neza nsohotsemo aha kandi nkajya kureba Meda n'abandi." Naravuze, nti "Ni ngombwa ko nihuta."

78 Nongeye kuzamuka mu mukoki, nafunguye amapesu y'ikote ryanjye rinini ritukura, nuko niruka mu mukoki, gutya nywuzenguruka. Uwo mwanya, naribwiye nti "Oh! ni hehe nakatiye?" Umuyaga warahuhaga uca ibiti, ibiti byatwarirwaga hamwe (n'umuyaga). Naribwiye nti " Ni hehe ngiye gukatira?" Nagiye mu rundi ruhande. Njyewe - nari nziko nerekezaga ntakebakebya ku musozi Hurricane. Ariko uwo

mwanya narahagaze, nabiraga icyuya, naribwiye nti " Ni iki kibaye hano? Maze igice cy'isaha cyangwa bitatu bya kane by'isaha [iminota 45] Ngiye, kandi simbona ahantu ngiye gukatira." Nubuye amaso, kandi ifumberi yanjye yari imanitse aho. Nari ndi neza neza ahantu hamwe. Naribwiye nti " None, ni iki nakora? »

79 None, naragiye. Naribwiye nti «Iyi nshuro ngiye kuhagera, ntabwo nari nashishoje, n'ibyo! » Nitondeye buri kantu gakomye, ahantu hose, narashishozaga. Narashakashakaga, kandi nkashakashaka, kandi ngashakashaka. Ibicu byarasatiraga, narinzi ko hagiye kubaho inkubi y'umuyaga y'amasimbi, igihu cyari cyaciye bugufi cyane, kandi aho natangiye kureba. Naribwiye nti « Ngiye kujya kure bidakabije, » narakomeje, ndakomeza, ndakomeza, ndakomeza, ndakomeza, ndakomeza, ndakomeza. Naribwiye nti « None, ntibyumvikana, wavuga ko namaze kubona aho hantu." Naritegereje, kandi ifumberi yanjye yari imanitse aho. Murabibona?

Muzi icyo nakoraga? Abahinde (bo muri Amerika) bita ibyo "Urugendo rw'urupfu (rw'ubwiyahuzi)." Murabibona, mugenda mukora uruziga, murakata, kandi mugakata. None, niyizeraga cyane nk'umuyobozi mwiza utayoba na rimwe. Murabibona, sinari nkeneye kubwirwa icyo ari cyo cyose cyerekeye amashyamba, nari nzi kwirwanaho.

Narongeye ndagenda. Naravugaga, nti "Ntibishoboka ko nakora ririya kosa." Narongeye na none ndagaruka.

80 Nazamutseho buhoro haruguru cyane mu mukoki, icyo gihe umuyaga wari wamaze gutangira guhuha. Oh! Ra ra! Amasimbi ahantu hose! Bwari bugiye kwira. Kandi nari nziko Meda yajyaga gupfa mu ijoro, aho hantu hadatuwe h'amashyamba. Ntiyari azi kwirwanaho wenyine. Kandi Billy yari afite nk'imyaka ine, imyaka itatu birashoboka, yari akiri umwana muto. Nuko naribwiye, nti " Ese ni iki bari bukore?" None, narazamutse kugera ahantu, hari hari urubobi rushashe, naribwiye, nti "Ndi ku butaka butegamye (hashashe) ahantu runaka, kandi ntacyo mbona, byose ni ibihu(by'amasimbi)." Aho, nahindukiraga nkora ishusho y'uruziga.

Mu gihe gisanzwe, najyaga kuba nabonye ahantu mpagarara, iyo nza kuba nari hamwe n'umuntu. Mba narahagaze, mba narategereje ko inkubi y'umuyaga ihosha, umunsi umwe cyangwa ibiri, hanyuma najyaga gusohoka. Mba narikatiye igice cy'ifumberi … na cyo ku mugongo, najyaga kugenda nkikingirana (nkikinga ahantu), najyaga kurya kandi ntacyo najyaga kubitekerezaho namba. Ariko ntawabasha gukora ibyo, igihe afite umugore n'umwana we hariya mu mashyamba, bariho bapfa. Murabona?

81 Rero natangiye gutekereza: " Ese ni iki nabasha gukora?" Rero nakomeje kwigira imbere buhoro. Naribwiye nti " Itondeho gato. Igihe nambutse ikibaya cya mbere, nahuhwaga n'umuyaga mu maso, nuko nagombye kuza nturutse muri iki cyerekezo. Ntagushidikanya ko naje nturutse muri iki cyerekezo." Naje kwinjira mu ishyamba ry'Ibinyabubasha, ariko ntabwo nari nzi aho nari ndi. Naravuze, nti " Oh!" Natangiye guta umutwe. Naribwiye nti "Ba uretse gato, Billy, ntiwabuze (ntiwazimiye), nageragezaga gusa n'uwibeshya (kubwo kwikomeza). Ntabwo ubasha kubeshya. Oya, oya. Uwo mutimanama, muri wowe imbere, akubwira ko wibeshya.

Yoo! Mwebwe - mugerageza kuvuga, muti "Yoo! Ndakijijwe, njya ku rusengero (ku itorero)." Ntacyo bitwaye, mutegereze gake mugere ku gitanda cyanyu cyo gupfa (kuva mu mubiri ), muzamenya ko biri ukundi. Umutimanama wanyu urabibabwira. Ikintu runaka muri mwe imbere kibabwira ko mwibeshya. Murabibona? Muzi ko muramutse mupfuye, mutabasha kujya guhura n'Imana Yera. Nk'uko twabibonye, ejo ku mugoroba, ndetse n'Abamarayika bera bagomba kwitwikira mu maso kugira ngo bahagarare imbere ya Yo. Ni buryo ki mwebwe mwabasha guhagarara aho mudafite amaraso ya Yesu Kirisito kugitra ngo abatwikire.

82 Naribwiraga nti "Oh! Ngiye kuhagera." Narongeye ndagenda. Nasanze ko nategerezaga buri kanya Ikintu runaka. Aho numvise ntaye umutwe. Kandi naribwiraga nti "None, niba nkora ibi ndaza kujya mu kaga (kuzimira)." Umuntu wazimiye, ubusanzwe nicyo akora, ahurira n'akaga (ibibazo) mu mashyamba. Igikurikiraho, aragenda agafata imbunda ye nuko akirasa, cyangwa akagwa mu mwobo agacika ukuguru, aba agiye kuguma aho, akazagwa aho. Rero naribwiye nti "Ese ni iki ngiye gukora?" Rero, nongeye gutangira kugenda.

Kandi nategerezaga buri kanya Ikintu runaka cyavugaga kiti « Ndi Ubutabazi (Umutabazi) utabura na rimwe mu gihe cy'amagume (cy'amage) » kandi nakomezaga kugenda, gusa.

Naribwiraga nti « None ndabona neza ko ntangiye kuba nk'umusazi, aho, ndumva ijwi rimbwira. » Nakomezaga kwigira imbere. Kandi aho, « Uuh, uuh, uuh ! » Nasaga n'uvugiriza (kuvugiriza bidafashe), murabizi. Naribwiraga nti « Tugende, sinazimiye. Uzi aho uri, mwanawanjye ! Ni iki ufite ? Ntubasha kuzimira. Wowe - uri umuhigi mwiza bikabije kubw'ibyo, ntubasha kuzimira. » Nivugaga ibigwi (nariratanga), murabizi, nageragezaga kwikomeza kugira ngo nyure aho.

Ntimubasha kwikomeza mwibeshya. Imbere mu ndiba, aha, hari ingasire ntoya y'uruziga izenguruka,

ikavuga iti « Muntu wanjye, wazimiye, kandi urabizi. Murabibona ? Wazimiye. »

83 Nakomezaga kwigira imbere. « Yoo ! Ntabwo nazimiye ! Byose biraza kugenda neza. Ndaza kongera kubona inzira yanjye kugirango nsohoke. » Ibintu byatangiye guhinduka ukundi, umuyaga hafi aho. Amasimbi yatangiye kugwa, amasimbi mato ameze nk'igihu, twebwe tuvuga kugwa kw'amasimbi matoya. Kandi natekerezaga ku mugore wanjye n'akana kanjye. Ntabwo ndi … Naribwiraga nti « Yoo ! Mbega !

Uwo mwanya na none nongeye kumva Ibyo, ryaravugaga riti « Ndi Ubutabazi (Umutabazi) utabura na rimwe mu gihe cy'amagume (akaga gakomeye). » Nari umukozi w'Imana ubwiriza Ubutumwa bwiza icyo gihe, nabwirizaga aha ndetse mu Ihema.

Rero, naribwiye nti « None, ese ni iki mbasha gukora ? » Narahagaze, nitegereje ahantu hose, kandi aho igihu cyari cyamaze kubudika. Njyewe … Byari bihari. Icyo gihe ntihari hariho namba icyo gukora. Naribwiye nti « Mugenzi wanjye, sinkwiriye kubaho, nariyemeye cyane ndarenza. Natekerezaga ko nari umuhigi, nyamara ntabwo nari ndi We.»

84 Kandi, Mwene Data, namugiriye icyizere iminsi yose. Mu kurasa, mfite imihigo, imananitse hariya. Kandi nk'umurobyi, ndi uwa nyuma, nyamara namugiriye icyizere igihe cyose. Mu kurasa, ndi uwanyuma nk'umurashi, nyamara yambashishije kugira imihigo y'isi. Murabibona? Kurasa ifumberi mu ntera iri hagati ya metero magana atandatu na mirongo ine [m640] na metero Magana arindwi na mirongo itatu [m730 N.D.T]. Mfite imbunda, imanitse hariya, niyo nicishije inyamanswa mirongo itatu n'eshanu, ntahushije inshuro n'imwe. Musome ibyo ahantu runaka, niba mubishoboye. Murabibona? Ntabwo ari njye. Ni We. Namugiriye icyizere.

Nari ndi aho, naribwiraga nti “Ese ni iki mbasha gukora? Ese ni iki mbasha gukora ? »

Narakomezaga … Byaregeraga kurushaho, kurushaho, riti « Ndi Ubutabazi (Umutabazi) utabura na rimwe mu bihe by'amagume (by'akaga gakomeye), Ubutabazi (Umutabazi) Utajya aburana rimwe.»

Naribwiye nti « Ese ni Imana imbwira?» Nakuyemo ingofero yanjye. Nari mfite ingofero yanjye irinda, yambarwa n'abahigi, n'igitambaro (umuswaro) kiyizengurukijeho gitukura. Nayirambitse hasi. Nakuyemo ikoti yanjye, yari itose. Narambitse ikoti yanjye hasi, negetse imbunda yanjye ku giti. Naravuze, nti « Data wo mu Ijuru, ubu ntangiye kuzerera (gukubita hirya no hino) ndumva ijwi rimbwira (rimvugisha). Ese ni Wowe? » Naravuze nti « Mwami, ngiye kurahira ko ntari umuhigi. Ntabwo ndi we, njyewe - simbasha kwirwanaho. Ni ngombwa ko Umfasha. Sinkwiriye kubaho, nyuma yo gukora ibintu nakoze, byo kuza aha no gutekereza ko nari niyizeye cyane bikabije ku buryo ntazimira na rimwe. Ndagukeneye, Mwami. Umudamu wanjye ni umugore w'intwari. Akana kanjye, agahungu kanjye, nyina yarapfuye, kand aragerageza kukabera nyina, kandi maze gushakana na we. Kandi ari hariya, umwana, mu mashyamba, bagiye bombi gupfana iri joro. Hamwe n'uyu muyaga, birashoboka ko ubukonje bugiye kujya amunsi y'igipimo cya zero ho ibipimo icumi, kandi ntibari bumenye uburyo bwo kugerageza kubaho. Bagiye gupfa iri joro. Ntubareke ngo bapfe, Oh! Mana! Njyana hafi yabo, kugira ngo mbashe kubitaho; Kugirango badapfa. Nazimiye! Nazimiye, oh! Mana! Njyewe - simbasha namba kongera kubona inzira yanjye. Ndakwinginze, Ntiwifuza kumfasha? Kandi umbabarire imyitwarire yanjye yo kwirebaho! Ntacyo mbasha gukora Udahari. Uri Umuyoboi wanjye. Mfasha, Mwami!

85 Narahagurutse, kandi ndavuga, nti « Amina. » Natoraguye igitambaro (umuswaro) cyanjye, ikote ryanjye, nararifashe; nasubijemo ingofero yanjye; nafashe imbunda yanjye. Naravuze, nti “Noneho, ngiye kwerekeza mu cyerekezo, icyo, kuri njye, ari ikibazo (kuruta ibindi), uko mbizi; ngiye gukomeza ku murongo ugororotse muri kiriya cyerekezo, kubera ko mpindukira nkora uruziga, ahantu runaka, sinzi aho ariho. Ariko ngiye kujya mu cyerekezo Uri bunyereke, Mwami Mana, Muyobozi wanjye.

Natangiye kugenda ngana muri iki cyerekezo. Naravuze, nti “Ni ibyo, ni ngombwa ko nemeza ko ari byo. Ngiye muri iki cyerekezo. Ngiye ku murongo ugororrotse muri iki cyerekezo. Sindi bukivemo. Ngiye muri iki cyerekezo. Nzi ko mfite ukuri. Ngiye muri iki cyerekezo.” Iyo nza kuba nagiye muri kiriya cyerekezo, najyaga kujya muri Canada. Murabibona?

86 Rwose icyo gihe, numvise Ikintu runaka Kinkoze ku rutugu, ikiganza, byambereye nk'aho cyari ikiganza cy'umuntu cyankoragaho cyihuse cyane kuburyo nahindukiye kugira ngo nitegereze. Nta muntu wari uhari. Naribwiye nti “Ese cyari igiki?” Bibiliya iri hano imbere yanjye. Imana, Umuyobozi wanjye n'Umucamanza wanjye, Iri hano. Nubuye gusa amaso. Kandi hirya kure, muri iki cyerekezo, igihu cyaratamurutse, rwose bihagije ku buryo mbona umunara ku gasongero k'impinga y'umusozi Hurricane. Narimo kujya mu cyerekezo rwose gihabanye, mu gukoresha uko nshoboye ubushobozi bwanjye bw'umuhigi, narimo kujya mu kindi cyerekezo, kandi hari hatangiye kuba nimugoroba cyane, aho. Nahindukiye nihuta, nerekeza nka gutya. Nafashe ingofero yanjye, nuko nzamura ibiganza, ndavuga nti “Nyobora kugeza ku iherezo, oh! Mana, Uri umuyobozi wanjye.”

Nafashe urugendo. Byansabye gukakamba ibihanamanga n'ibindi byose kugira ngo ngane aho, bwagendaga bwira cyane. Hanyuma ijoro riragwa. Ifumberi zarasimbukaga imbere yanjye, n'ibindi byose.

Ntakindi nari mfite mu mutwe keretse kuguma muri icyo cyerekezo, nzamuka nerekeje uwo musozi.

87 Kandi nari nzi ko iyo nza kubasha kugenda nkagera ku munara, Bwana Denton na njye … Nari naramufashije gushyiraho umurongo muri iriya mpeshyi. Twari twashyizeho urutsinga rwa telephone dufatiye ku musozi Hurricane, kugera hasi (y'umusozi), ku ntera bishobotse ya mayilo ibihumbi bitatu n'igice cyangwa mayilo ibihumbi bine [km 5,5 cyangwa 6,5 - N.D.T], kugeza mu kigo (inkambi). Kandi byari uruhande rw'akayira rwose uko rwakabaye, ariko hamwe n'amasimbi yari ari aho, ntiwabashaga kubona akayira. Murabibona? Kandi umuyaga warahuhaga, n'ibindi byose, ryari icuraburindi, kandi hamwe n'iyo nkubi y'umuyaga irimo amasimbi, kandi n'ibyo byose byarimo kubaho, ntawabashaga kumenya aho aherereye. None, ikintu kimwe cyo gukora kuri njye, nyuma y'uko ijoro riguye, kandi sinari nzi … narinzi ko narimo kujya mu cyerekezo, kandi rwose ntumbiriye ku musozi. Kubw'ibyo, nagombaga gukakamba umusozi, kandi umunara wari rwose ku gasongero k'impinga y'umusozi, kandi nari mfite hafi mayilo esheshatu [km 9,5] zo kugenda mbere yo kuhagera. Mutekereze akanya gato, icyo gihu cyeyutse ku ntera ya mayilo esheshatu [km 9,5], rwose intera ngufi, kugira ngo mbashe kuwubona!

88 Nuko rero, njyewe - nari mfashe imbunda yajye muri iki kiganza, kandi nari mpagaritse uku kuboko mu kirere, kubera y'uko nari narafatishije u - urutsinga ku biti, gutya, insinga za telephone kugeza ku kazu k'icumbi, kugira ngo abashe kuvugana n'umudamu we, no guhamagara aho, aturutse ku musozi. Kandi nagombaga kumufasha gukuraho ibyo byose muri uwo muhindo. Nari mpagaritse ikiganza cyanjye mu kirere, nka gutya, naravugaga, nti "Oh! Mana, ndeka nkore kuri uyu murongo." Naragendaga, kandi ukuboko kwanjye kwarambababazaga cyane, umunaniro, nari mfite ikibazo (ikibazo) cyo kuguhagarika mu kirere, byansabaga ku kumanura. Nahinduriraga imbunda ikiganza, nayifatishaga kuriya; nasubiraga inyuma intambwe nkeya, kugira ngo mbe nzi neza ko ntarubuze, hanyuma nazamuraga ikiganza, nuko narongeraga nkatangira kugenda, kandi nakomezaga kugenda. Bwari bwije cyane, hari mu ijoro, umuyaga warahuhaga. Oh! Nafataga ishami, nkavuga, nti "Ni rwo! Oya, ntabwo ari rwo." Oh! Rwatangagaga … ntabwo ari ngambwa ko rutanga ijwi ritumvikana (ridasobanutse).

89 Nyuma y'umwanya muto, igihe nari bugufi kuzibukira, ikiganza cyanjye cyakoze ku kintu runaka. Oh! Ra ra! Nari ntaruwe (mbonetse), njyewe wari wazimiye. Nafashe urwo rutsinga. Najugunye hasi imbunda yanjye, nakuyemo ingofero yanjye, nuko mpagarara aho. Naravuze, nti "Uru rutsinga, guhera aha kugera ku iherezo, sindi bururekure na rimwe. Ngiye kwizirika kuri uru rutsinga. Ruraza kunyobora ntakebakebwe ahantu hari ibyo nkunda kuri iyi si, hariya. Umudamu wanjye n'akana kanjye, bishwe n'ubwoba, ntibari bazi aho ndi, ntibari bazi gucana umuriro, ntibari bazi icyo bakora, kandi umuyaga warahuhaga, amashami avunagurika kandi agwa avuye mu biti." Nta na rimwe ndibuhirahire ngo ndekekure uru rutsinga. Nafashe urwo rutsinga, kugeza ubwo rwanyoboye kubyo nakundaga byose kuri iyi si.

90 Ibyo byabaye ibyambayeho biteye ubwoba, kandi ibyambayeho biranejeje bihebuje kongera kubona inzira yanjye, ariko ntawo ari kimwe cya kabiri cy'inkuru. Umunsi umwe nari narazimiriye mu cyaha. Nagendaga mva mu itorero njya mu rindi, nageragezaga gushaka Ikintu Runaka. Nagiye mu Badivantisite b'umunsi wa karindwi, barambwiye bati "Ubahiriza Isabato, hagarika (reka) kurya inyama." Nagiye mu itorero ry'Ababatisita, mu itorero rya mbere ry'Ababatisita, Yarambwiye, ati "Ufite gusa guhaguruka kandi ukavuga ko wizeye ko Yesu Kirisito ari Umwana w'Imana, kandi ndajya kukubatiza, ni ibyo." Ntacyarimo. Ariko umunsi umwe, mu kibandahuri (ikizu) gito cy'amakara, nazamuye ibiganza hejuru, nafashe Ikintu Runaka; cyangwa, ngiye kubivuga ntya, Ikintu Runaka cyaramfashe. Wari Umugozi w'ubutabazi, Umuyobozi. Kandi yanyoboye mu bwihisho (ahantu h'umutekano) kugeza aha, sinzakura ikiganza cyanjye kuri urwo rutsinga. Nkomeje ibiganza byanjye bizamuye byerekeye kuri We. Inyigisho zahimbwe n'abantu zo kwizerwa n'amadini bizakore icyo bishaka, Njyewe, nihambira ku Muyobozi. Kubw'ibyo ibyigeze byose kuba muri iyi si, n'ibiri mu Ijuru byose, n'ibyigeze kumbera iby'agahebuzo (iby'agaciro gakomeye), biri ku iherezo ry'uyu mugozi. Yanyoboye mu mutekano wose kugeza ubu, nzamugirira icyizere mu rugendo rusigaye. "Igihe We, Umwuka Wera, Azaba Aje, Azayobora, Azabereka inzira. Kandi Abayobore mu u …"

91 Nshuti zanjye, nicyo cyangejeje kuba aho ndi uyu munsi. Nicyo cyangize uwo ndiwe. Ni kubw'umunezero ko namubagaragariza (namubamwereka). Ni We Muyobozi rukumbi nzi, kuri iyi si no hejuru mu Ijuru. Ni Umuyobozi wanjye iyo njya mu muhigo. Ni Umuyobozi wajye igihe ngiye kuroba. Ni Umuyobozi wanjye iyo mvugana umuntu. Ni Umuyobozi wanjye iyo mbwiriza. Ni Umuyobozi wanjye iyo ndyamye.

Kandi ubwo igihe kizagera cy'urupfu rwanjye, Azahagarara aho, ku nkombe y'uruzi, Azanyobora kugira ngo nambuke mfate hakurya. Sinzatinya ikibi na kimwe, kuko Uri kumwe nanjye. Inshyimbo Yawe n'Inkoni Yawe bizankebura kandi bizanyobora kugeza hakurya y'uruzi. Dusenge.

92 Data wo mu Ijuru, ndazirikana cyane kubw'Umuyobozi, unyobora. Oh! Rimwe na rimwe, Data, simwumva namba impande zanjye, ibyo bintera ubwoba. Ndifuza ko aba bugufi bwanjye, kubera ko ntazi isaha nzagerera ku ruzi. Ndifuza y'uko aba bugufi bwanjye. Ntunsige na rimwe, Mwami. Sinabasha kuvuga, sinabasha kubwiriza, sinabasha guhiga mu mashyamba, sinabasha kuroba ku kombe, sinabasha gutwara imodoka yanjye, Udahari ntacyo nabasha gukora. Uri Umuyobozi wanjye. Nk'uko nejejwe no kubwira iri teraniro, kuri uyu mugoroba, ko ari Wowe Wanyoboye muri biriya bintu byose, ko ari Wowe

Wanjyanye hariya!

Undi munsi, naratekerezaga; hashize gusa imyaka mikeye, nari ndi aha mu muhanda, kandi kubera ko umuryango wanjye wari wakoze ibintu bitari byiza, nta muntu wifuzaga kumvugisha. Numvaga ndi njyenyine; nari mfite inyota y'ubusabane bwa kivandimwe. Nta muntu wifuzaga kugira icyo yakorana nanjye. Baravugaga, bati "Papa we ni umucuruzi (cyangwa umuntu ukora) w'inzoga zitemewe." Na none, Mwami, nabonaga ko ari nta muntu wifuzaga kumvugisha. Kandi njyewe nkunda abantu. Ariko umunsi umwe, igihe nafashe uwo mugozi! None, mugutekereza, Mwami, ko ari ngombwa ko mburaho igihe gito, ko njya ahantu hitaruye abantu h'amashyamba, kugira ngo nduhuke buke. Ese ni iki cyakoze ibyo? Ntabwo ari ubumuntu bwanjye, ntabwo ari amashuri yanjye, ntayo mfite. Ahubwo yari Wowe, Mwami. Wowe, Mwami. Wanyemereye ko ndasa ku ntego ntahusha, wambashishije gufata ifi nini, kubera ko wari uzi ko cyari cyo cyifuzo cyanjye. Wampaye badata na bamama. Wampaye Benedata na bashiki banjye. Wampaye ubuzima. Wampaye umudamu. Wampaye umuryango. Uri Umuyobozi wanjye, Mwami. Ndeka mfate ikiganza cyawe, ntunyemerere na rimwe ngo nkirekure. Niba ikiganza kinaniwe. Nzahindura ikiganza. Mfasha, Mwami.

93 Kandi none, Bashisha buri muntu uri hano, gufata uwo Mugozi w'Ubutabazi, Mwami, Umwuka Wera, Ari We Bugingo bwacu, Isoko yacu y'Ubugingo. Kandi Ubashe kutuyobora twese kuri icyo Gihugu cy'umunezero , hariya, aho imihati y'ubu buzima izaba irangiye, kandi umurimo wacu wo ku isi uzaba ushojwe (uzaba urangiye), kandi icyo gihe ntihazabaho ukundi ubusaza, ntihazabaho ukundi abantu b'intege nke, ntamajoro arushya ukundi, ntamarira haba n'amasengesho, nta guhamagarwa, ku gicaniro ukundi, ahubwo hariya, tuzaba turi abasore n'inkumi iteka ryose, uburwayi n'agahinda ntibizabaho ukundi. Ntihazabaho ukundi icyaha, Kandi tuzabaho mu gukiranuka kw'Imana kw'ibihe byose bizaza, mu kubaho kw'iteka bizira iherezo. Biduhe, Data.

Kandi none, Data, niba hari abantu hano kuri uyu mugoroba batigeze na none bafata uwo Mugozi w'Ubutabazi, babashe kuwubona uyu mwanya. Kandi Umwuka Wera wabayoboye abashe … Kandi mbashe kuvuga, n'umutima wanjye wose, hamwe n'ikiganza cyanjye nkirambuye ku Ijambo Ryawe, yari afite buri gihe ukuri. Njyewe kenshi ndibeshya. Ariko We Aba afite ukuri. Gumana nanjye, Mwami. Nanjye ngumane na We. Kandi abandi bantu hano, bataramumenya kuri uyu mugoroba, babashe gufata ikiganza cye kitanyeganyega, kugira ngo babashe kuyoborwa.

94 Kandi umunsi umwe, tuzagera ku ruzi. Hazaba hari ibihu muri icyo gitondo na none. Inyanja ya kera izahorera, Yorodani ya kera izazikuka, urupfu ruzaniga ubuzima buri muri twe. Nyamara, oh! Mana, njyewe - sinzagira ubwoba. Natunganyije ibyo hashize igihe kirekire. Ndifuza rwose kwiyambura ingofero, nk'umurwayi, nkahindukira kandi nkitegereza inzira yose, kugira ngo ndebe uburebure bw'aho uwo Mugozi Wanyoboye. Kureba uturere twose tw'amashyamba nanyuzemo, ahantu hose hameraga imifatangwe, kandi ahari harunze amabuye yankomerekeje, nyamara nabaga mfashe Urutsinga (Umugozi). Nk'uko wabivuze, umusizi yarabivuze, ati "Bamwe banyura mu mazi, kandi bamwe bakanyura mu miraba, bamwe bakanyura mu bigeragezo bikomeye, nyamara bose banyura mu Maraso." Nuko ndifuza gufata ibi; iyi Nkota yakera, yandengeye (yandinze), urugendo rwose, kandi nyisubije mu rwubati, ntakamba, nti "Data, Ohereza ubwato muri iki gitondo, ndataha imuhira." Uzaba uri hariya, Mwami. Warabisezeranye. Ntubasha kunanirwa.

Ha umugisha abari hano bose muri aka kanya. Kandi niba batazi uburyo bafata uyu Mugozi, kandi batarigeze na rimwe kuwukoraho, ibiganza byera bibashe kuzamurwa muri aka kanya, ibiganza bibyifuza, ibiganza bibikeneye, kandi bibashe gukora uyu mugozi w'Ubutabazi uzabayobora kubyo umutima wabo ukeneye; amahoro no kunyurwa kuzuye, Uburuhukiro muri Kirisito.

95 Imitwe yacu icyunamye, haba hari ibiganza byifuza kuzamurwa, kubwo kuvuga, muti "Abe ari njye. Fata ikiganza cyanjye!"

Oh! Imana Ibahe umugisha.

Igihe inzira ibaye iy'umusaraba,

Uwagaciro gakomeye, Mwami, guma bugufi,

Igihe ubuzima buzaba bwenda kunsiga;

Ku nkombe y'uruzi nzahagarara,

Yobora intambwe zanjye,

Fata ikiganza cyanjye,

Fata ikiganza cyanjye,

Uwagaciro gakomeye Mwami, nyobora kugeza ku iherezo.

Haba hari undi muntu wazamura ikiganza, kubwo kuvuga, ati "Mwami, ndifuza kumva muri njye ku buryo bufatika Umugozi w'ubutabazi, kuri uyu mugoroba. Ndifuza kumva muri njye ko Kirisito yambabariye ibyaha byanjye, kandi ndifuza kuba icyaremwe gishya uhereye kuri iyi saha!" Imana Ibahe umugisha. Haba hari undi muntu wavuga, ati "Ndeka ngukoreho, Mwami. Wandeka nkazimira?" Imana Ibahe umugisha, mushiki wacu. "Reka nzimire (mbure), kandi nisange, Mwami, muri wowe," Imana Ibahe umugisha. Kandi Imana Ibahe umugisha. Ni ibyo. "Ndeka nzimire (mbure), Mwami. Ndeka nibagirwe." Imana Ibahe umugisha, Mwene Data. "Ndeka …" Imana Ibahe umugisha, mushiki wacu. "Ndeka rwose ntakaze ibyo mfite nk'ubumenyi." Imana Iguhe umugisha, mushiki wacu. Ntimugiririre icyizere ibitekerezo byaremekanijwe bya kimuntu. Mukurikire Umuyobozi. Azabayobora mu kuri kose. "Nyobora, Mwami Yesu, nyobora." Imana Ibahe umugisha, hariya. Oh! Ibiganza byinshi byazamuwe, byifuza agakiza. None, mu gihe tu …

Igicaniro hano, ntidushobora guhamagara abantu ku gicaniro, kubera ko hari abantu bicaye hose ku gicaniro. Nyamara Ari hariya, hafi. Igihe mwazamuye ikiganza, murabizi neza, habayeho Ikintu Runaka mu mutima. Yesu yaravuze, ati "Uwumva Amagambo yanjye kandi akizera Uwantumye aba afite Ubugingo buhoraho." Mwabikoze mubikomeje? Rero, hari urubatirizo (aho babatiriza) hano, huzuye amazi. Haraza kuba hari igihe gihagije kugira ngo bakore umubatizo. Dusenge.

96 Data wo mu Ijuru, ubu butumwa bugufi buciwemo ibice, kuri uyu mugoroba, bwatanzwe mu ijwi risaraye, Umwuka Wera yagombye kugendagenda ahantu runaka. Yagiye aho yagombaga kujya, kandi barahari benshi, Mwami, kuri uyu mugoroba, birashoboka cumi na batanu cyangwa makumyabiri, bazamuye ikiganza nk'aho bakeneye Umuyobozi. Basanze ko bashaka kwirema agatima: barashaka kuvuga, bati "Byose biragenda neza kubwanjye;" nyamara mu ndiba y'umutima wabo bazi ko atari ukuri. Kandi barifuza kumva muribo ukuhaba Kwawe, Mwami. Barifuza Umuyobozi. Barifuza kwiyemeza kwinjira muri uru rugendo. Ntabwo bazi inzira. Nta muntu uzi uburyo yabageza hariya; ni Wowe rukumbi (wenyine). Baje kugira ngo bakire Umuyobozi watanzwe n'Imana, Umwuka Wera. Bazamuye ibiganza byabo.

97 Oh! Mwuka wera kandi Muyobozi, manuka kuri bo. Bababarira buri cyaha. Babarira ukugoma kwabo. Binjize mu Mubiri wa Kirisito kuri uyu mugoroba, aho bazabasha kumva Imbaraga y'Umuriro w'Imana inyura muri uyu muyoboro, Izabayobora kugera kuri Yorodani, no hakurya ya Yorodani kugera mu Gihugu cyasezeranijwe. Babashe gukurikira, ku buryo bunyarutse inyuma y'Ijambo. Ijambo riravuga, riti "Nimwihane, kandi hanyuma, mubatizwe mu Izina rya Yesu Kirisito." Ntibagerageze kujyayo bifashishije ubundi buryo. Bakurikire, ku buryo butaziguye inyuma y'Ijambo, kuko ni We Uzayobora. Izo ni zo i - izo ni zo ngazi za ngombwa zo kuzamukwa, kugira ngo mubashe gushyikira Umuyobozi. Bitange, Mwami. Babe abana bari mu biganza Byawe muri uyu mwanya, iminyago ntawubasha kubavuvunura mu kiganza Cyawe. Ndizera ko Uzabajyanana na We, nk'abantu barokowe. Ndizera ko bazamuye ikiganza, ntibajyaga kubasha kubikora kubwabo, hatari Ikintu Runaka cyavuganye na bo. Yari Wowe, Mwuka wera kandi Umuyobozi.

Barabona ko igihe cyegereje bidatinze, igihu kirimo kiramanukira isi, inyigisho zahimbwe n'abantu zikomeye na - n'ibindi byose, zirimo kwihuza, amatorero arimo gukora ihuriro, arishyira hamwe. Oh! Mana, mbega uburyo bagerageza kuvuga, bati "Uva wese mu byemejwe, agomba kuva hano kandi akajya muri Alaska." Kandi ibyo bikangisho byose batangaza, ntabwo ari bishya kuri twe, Umuyobozi ukomeye Yatweretse ibyo mu nzira y'Ijambo. Turambukiranya rwose icyo gice cy'Ijambo.

Mana Data Wavuganye na bo kuri uyu mugoroba, kandi ndabakugaruriye muri uyu mwanya, nk'iminyago y'Ijambo. Mu Izina rya Yesu.

98 None, harambitswe ku ruhimbi aha, Data, hari ibitambaro (imiswaro), by'abantu barwaye, birashoboka ikibondo cy'umwana, umubyeyi w'umumama, mushiki wacu, Mwene Data; hari ndetse utwuma dukoreshwa mu misatsi dushinze muri byo imbere (mu bitambaro). Kandi none ndabifashe mbishyize kuri njye. Nyamara twigishijwe muri Bibiliya ko imyambaro n'ibitambaro byabagaa byakoze ku mubiri wa Pawulo byashyirwaga ku barwayi, kandi barakiraga, imyuka mibi yasohokaga mu bantu. Nyamara turazirikana, Mwami, ko Pawulo yari umuntu, yari umuntu gusa. Ariko ni k'Ugusigwa k'Umwuka Wera kuri we haturukaga umugisha kuri ibyo bitambaro (imiswaro), ni ukwizera aabantu babaga bafite ko yari intumwa ya We. None Pawulo yadukuwemo, nyamara si Umuyobozi, ahora igihe cyose aba ari hano. Kandi, oh! Mana, ndakwinginze ngo uhe umugisha ibi bitambaro (imiswaro), kugira ngo Umuyobozi Ayobore aba bantu kuri uru rwego rwo kuzibukira burundu.

99 Twabwiwe na none ko Isirayeli, igihe bakurikiraga Umuyobozi, baragiye bagera kuri Yorodani kugera (ahubwo) ku Nyanja itukura. Mu mikorere ndetse y'imirimo (inshingano) yabo bashyizwe hamwe nuko Umuyobozi yari yabayoboye aho. Icyo cyari iki? Kugira ngo Igaragaze icyubahiro Cyayo. Kandi igihe hatari hariho ibyiringiro namba, Imana yerekeje amaso, binyuriye kuri iyo Nkingi y'umuriro, kandi ndetse n'inyanja ya kera y'umunyu yagize ubwoba, nuko yigirayo, nuko inzira iraboneka kugira ngo Isirayeli inyureho kandi ijye mu Gihugu cyasezeranijwe.

Ni ukuri, Mwami, ntuhinduka igihe cyose Mana. Aba bantu birashoboka ko ari Abakristu, birashoboka

ko bari mu nzira ya ngombwa, ariko barajishwe, uburwayi bwarabajishe. Erekeza amaso, binyuriye mu Maraso ya Yesu, kuri uyu mugoroba, satani ari bugire ubwoba, ari buhunge, kandi abana bawe bazambuka, Isezerano ry'ubuzima bwiza. Bitange, Data. Mbohereje bivuye ku mubiri wanjye ngo bijye ku wabo, mu Izina rya Yesu Kirisito.

100 Nzamuye iri teraniro imbere Yawe, kubwo kwizera mbazanya ku buryo butaziguye (nta guca hirya no hino) ku gicaniro cy'ikuzo cy'Imana, aho mu Ijuru. Kubw'ibyo, icyo bifuza cyose kubw'uburwayi bwabo, ibitagenda neza byose iwabo, ibitagenda neza mu buzima bwabo, icyo ari cyo cyose, oh! Mana! Ubeze, ukore ku buryo baba abawe. Ubakize uburwayi, Data. Imbaraga yasohoye Yesu mu gituro ihe Ubugingo imibiri yabo ipfa kandi ibahindure ibyaremwe bishya muri Kirisito Yesu. Ubahe ubuzima bwiza n'Imbaraga zo kugukorera.

Unyibuke, oh! Mwami. Ndi Umugaragu wawe. Umfashe, muri uyu mwanya aho nkeneye isengesho. Kandi ndinginga Umwuka Wera ngo anyobore, ngo adukoreshe, kandi ngo atuyobore kugeza ku munsi aho tuzabona Yesu Kirisito amaso ku yandi, mu Kuza kwe kw'ikuzo, igihe tuzahurira na We mu kirere, Ku Izamurwa. Ni mu Izina rya Yesu Kirisito tubisabye. Amina.

101 Ndamukunda, njyewe … (muramukunda?)

Kubera ko yabanje kunkunda bwa mbere

Kandi yaronse agakiza kanjye;

Ku giti cy'i Kaluvari.

None, niba mudakundana hagati yanyu, abo mwabonye, ni buryo ki mwakora kugira ngo mumukunde, We mutari mwabona? None, mu gihe turirimba Ndamukunda, duhe umuntu uri hafi yacu agapfunsi k'urugwiro k'ikiganza kuzuye urukundo.

Ndamukunda …

[Mwene Data Branham aha ikiganza abari iruhande rwe, kandi akavuga, ati "Imana iguhe umugisha, Mwendata Neville." - N.D.E] [Iteraniro rikomeza kuririmba.]

Ku giti cy'i Kaluvari.

None muzamure ibiganza byanyu mubyerekeje kuri We.

Ndamukunda, ndamukunda

Kubera ko yabanje kunkunda ubwa mbere

Kandi yaronse agakiza kanjye

Ku giti cy'i Kaluvari.

102 Indirimbo nziza, ese murifuza kuyumva? Niba numvise neza, turi hamwe n'umuyobozi w'indirimbo w'Umubwirizabutumwa, waturutse Indianapolis. Ndizera ko aririmba mu Ihema Cadle. Ese ni ukuri? Ni byiza cyane, mugenzi wanjye. Niyo nshingano ye mu Ihema Cadle. Ni bangahe bibuka E. Howard Cadle? Oh! Ra ra! Imana ihe ubugingo bwe bw'agaciro kanini uburuhukiro. Igisiga gishimisha (gitera gutwenga) cyo mu isanzure, umudamu nigeze numva aririmba, kurenza abo bose numvise baririmba mu buzima bwanjye, yari umudamu wa Cadle, igihe yaririmbaga agira, ati "Mbere yo gusohoka mu cyumba cyawe muri iki gitondo, waba watekereje gusenga, mu Izina rya Kirisito Umukiza wacu, ko akubera Ingabo (igukingira) uyu munsi?"

103 Rwose aha, mu rundi ruhande rw'umuhanda, igitondo kimwe, mu kazu k'urubwa [gato k'ibiti cyangwa imbaho] k'utwumba tubiri, narabyutse, nitegura gucana umuriro. Imbabura (ishyiga) ntiyemeraga kwaka (gufatwa). Nageragezaga kuyifatiriza, kandi umuyaga waramanukaga ukayizimya umpuha mu maso. Kandi hari hakonje, nendaga kugagara. Hari hari amasimbi hasi hose mu nzu, kandi njyewe nagendeshaga ibirenge bisa (nta kweto), nageragezaga gufatiriza iyo mbabura (ishyiga) ntoya yari ikoze mu cyuma cy'umweru, ifite uruhombo rutoya bacanamo. Kandi nari mvuye … njyewe na Meda, twari tukimara gushakana, ntabwo hashize igihe mbere. Nuko narageragezaga, igiti gikuze cyari cyuzuye amazi, nticyashakaga kwaka, nuko nari nicaye aho, narimo kwibwira nti "Oh" Ra ra! Ngiye kongera kugerageza." Byari ngombwa ko njya gukora, nuko natsaga mu mbabura (ishyiga) ikuze, gutya. Narambuye ukuboko nuko nafunguye radiyo, nuko yatangiye kuririmba agira, ati "Mbere yo gusohoka mu cyumba cyawe muri iki gitondo waba watekereje gusenga," rwose ni ibyoroshye, nikubise hasi, "Mu Izina rya Kirisito Umukiza wacu, ko Akubera ingabo (igukingira) uyu munsi?" Oh! Uburyo nkunda kumva uwo mugore aririmba!

104 Igihe runaka, igihe nzambuka hakurya y'uruzi, ndizera ko nzumva umudamu wa Cadle, yicaye aho. Murabizi, guhera igihe cyose, nishyiriyeho gahunda. Aho hakurya y'uruzi, hari Igiti gihora gitoshye, murabizi, Igiti cy'Ubugingo; kandi hakury ay'uruzi, hariyo itsinda ry'abaririmbyi b'Abamarayika riririmba ku

manywa na nijoro, kubera ko aho hataba ijoro, riririmba amanywa yose (ibihe byose), murabibona. Ngiye kwishakira ahantu, nigira ntuje kandi nkiyumvira ibyo.

Ndizera ko nzumva umudamu wa Cadle aririmba aho.

Imana ihe umugisha Mwendata. Izina rye rinyuzeho. Ese ibi ni ibiki, Mwene Data? Mwene Data Ned Woolman agiye kubaririmbira muri aka kanya. Mwene Data Woolman, tunejewe no kukubona hano hamwe natwe kuri uyu mugoroba.

www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7